ISHURI RITO RYA BIBILIYA

Yobu, Zaburi, imigani, Umubwiriza n'Indirimbo ya Salomo

IGITABO #5

Ibitabo by'Imivugo

Muri iyi nyigisho, turatangira isesengura ry'ibitabo bitanu by'ibisigo byo mu Isezerano rya Kera, ari byo: Yobu, Zaburi, Imigani, Umubwiriza, n'Indirimbo ya Salomo. Ibitabo by'ibisigo kandi byitwa "Ibitabo by'Ubwenge" cyangwa "Inyandiko", kugira ngo bitandukanywe n'ibitabo by'amategeko, ibitabo by'amateka, n'ibitabo by'ubuhanuzi byo mu Isezerano rya Kera.

Ibitabo by'ibisigo byashyizwe mu byanditswe byahumetswe n'Imana kuko ibisigo ari rwo rurimi rw'umutima. Imana izi akamaro k'icyo ibyanditswe byita umutima w'ubwoko bwayo. Muri iki gice cya Bibiliya, Imana ivugana n'imitima y'ubwoko bwayo iyo barimo kubabara nko muri Yobu, iyo barimo kuramya nko muri Zaburi, nk'iyo barimo kunyura mu bibazo bya buri munsi byo mu nshako, byo mu miryango, byo kurera no mu kazi, nko mu Imigani, iyo barimo gushidikanya mu Umubwiriza, n'igihe banezerewe bagaragaza ubusabane bw'ubumwe cyangwa guhura kw'imibiri kuba hagati y'umugabo n'umugore mu Indirimbo ya Salomo.

Imana igaragaza ikintu cy'ingenzi yifuza mu mitima yacu yandika bitanu by'ibi bitabo bya bibiliya, mu buryo bw'ibisigo,

ari rwo rurimi rw'umutima. Dusoma ibi bitabo bitanu by'ibisigo, tugomba kumva urutoki rw'Imana rukora ku mitima yacu, ku buzima bwacu bw'imbere, rudushishikariza kuba abanyakuri, kandi ngo duhindurwe bihereye imbere muri twe tubifashijwe n'Imana muri twe. Iki ni cyo cyatumye Imana iduha ibitabo bitanu by'ibisigo.

Igice cya Mbere

Igitabo cya Yobu

Dushingiye ku gitabo cya mbere cy'ibisigo, tubona ko ubuzima bugoye kandi bwuzuyemo kubabara kurenze kandi gutangaje. Ubwoko bw'Imana buhora mu kababaro, kandi hari abakristo benshi bamaze kubabazwa no kwicwa bazizwa kwizera Imana kuva aho intambara ya kabiri y'isi yabereye kurusha igihe cyose cyabayeho mbere yaho. Icyitwa ko ari cyo gitabo cyanditswe mbere y'ibindi byose bya Bibiliya kitubwira ko akababaro no gutotezwa bitakwirindwa, ariko agahinda wakirinda. Igitabo cya Yobu ni ubutumwa bw'Imana yahaye imitima y'ubwoko bwayo igihe bari mu bihe by'akababaro.

Abasomyi ba Bibiliya benshi bemera ko igitabo cya Yobu cyanditswe mu bihe bya mbere cyane nko mu bihe bya Aburahamu, Isaka, na Yakobo. Dusoma ko Yobu yabayeho imyaka ijana na mirongo ine nyuma yo kubabazwa kandi ngo "*Nuko Yobu apfa ashaje ageze mu za bukuru.*" (Yobu 42:17)Ubwinshi bw'imyaka ye bufitanye isano n'imyaka y'abantu dusoma mu gitabo cy'Itangiriro.

Imyandikire y'Igitabo cya Yobu

Ikibazo cy'imyandikire y'igitabo cya Yobu gisubizwa iyo turebye aho iki gitabo cyashyizwe mu byanditswe byera byose. Iki gitabo ni kimwe mu bisigo bikomeye cyane kuri iyi si. Igitabo cya Yobu cyaba kandi koko kigaragazwa nk'inkinamico cyangwa umukino. Tekereza kuri ubu butumwa bwiza cyane bw'Imana nk'umukino cyangwa inkinamico ifite ibice bitatu. Iyo irido rikuweho kugira ngo hakinwe Igice cya Mbere, sene ya mbere iduha cyangwa itwereka integuro y'inkuru yak era cyane kurusha izindi zose zo muri Bibiliya.

Icyiciro cya Mbere

Integuro

Sene cyangwa agace ka mbere k'Igice cya Mbere, gatangira

kagaragaza Imana na Satani bafitanye ikiganiro cyerekeye ku mugabo witwa Yobu. Agace ka mbere katwigisha ukuru gukomeye cyane kwerekeye ku rugamba ruri hagati y'ikiza n'ikibi. Ikibi kigaragarira muri Satani, uhiga imigambi y'uyu mugabo mwiza Yobu amuziza ko yakoraga ibyiza. Imana isubirisha iki kibazo n'icya abanyatewologiya bita "ubushake bw'Imana bw'agateganyo". Imana yemerera umwanzi cyangwa ikibi gukorera mu mabwiriza agiha yemerera Satani gutwara ibyo Yobu atunze byose, harimo n'abana be cumi. Satani yavuze ko Yobu akiranuka kuko Imana yahaye umugisha gukiranuka kwe amuha ubutunzi bwinshi. Satani anavuga ko Imana iramutse imuhaye uburenganzira bwo kwambura Yobu imigisha ye yose, Yobu azavuma Imana.

Bitewe no guhabwa uburenganzira n'Imana n'imigambi mibisha ya Satani, Yobu yapfushije abahungu barindwi, abakobwa batatu, intama ibihumbi birindwi, ingamiya ibihumbi bitatu, ibimasa bihinga igihumbi, ifarashi magana atanu,n'abagaragu benshi.

Nubwo Yobu ibyo yatakaje byari byinshi cyane, ntabwo yigeze atuka cyangwa avuma Imana muri iyo mibabaro ye yose. Ahubwo Yobu yaravuze ati: "*Navuye mu nda ya mama nambaye ubusa, nzasubira mu nda y'isi nta cyo nambaye. Uwiteka niwe wabimpaye, kandi Uwiteka ni we ubintwaye. Izina ry'Uwiteka rishimwe*." (Yobu 1:21, 22) Uwitwaga Confucius yaravuze ati, "Tuza nuri iyi si ibiganza byacu bibumbye bishaka byose, kandi tukava muri iyi ibiganza byacu birambuye, ari nta cyo bijyanye."

Yobu arimo kutubwira ko ibiganza bye byari bibumbye igihe yavukaga. Imana yamushyize mu biganza ibyo yari atunze byose, kandi ntabwo yigeze abumba ibiganza. Ubwo butunzi bwari ubw'Imana ubwo yabumuhaga kandi bwakomeje kuba ubw'Imana ku buryo yabutwara aho ishakiye.

Yobu yatsinze iri gerageza rya mbere neza cyane! Twavuga ko Yobu ibyo yavuze ko Imana yajyanye abana be n'ibyatunze byose hari ukuntu bitari byo. Tubibwirwa nuko twasomye itangiriro ry'iyi nkuru, ko Satani ari we watwaye ibyo Yobu yari atunze byose.

Itegereze uko Yobu yatakaje ibyo yari atunze byose. Yapfushije abana be cumi bitewe n'inkubiri y'umuyaga wo mu

butayu, yasenye inju y'imfura ya Yobu akabagwira bose kuko ari ho bari bateraniye. Yatakaje intama ze n'abashumba bazo bitewe n'umuriro "waturutse mu ijuru", dutekereza ko ari inkuba. Kampane z'ubwishingizi zita ibi bintu, "ibyakozwe n'Imana". Turabizi koi bi bitakozwe n'Imana, ahubwo byakozwe na Satani, ibiherewe uburenganzira n'Imana, ariko Yobu ntabwo yari abizi ko ari ko byagenze.

Satani agirana ikindi kiganiro n'Imana. Imana irongera imutangira ubuhamya inshuro ya kabiri ko ari we rugero rwiza rwo gukiranuka. Na none Satani agerageza guhinyuza ibyo Imana ivuga ko ari yo bitera Yobu gukiranuka. Avuga ko Yobu azavuma Imana, Imana nimuha uburenganzira bwo kumubabaza. Maze Imana iha Satani uburenganzira bwo kubabaza Yobu ariko akazirikana ikintu kimwe gusa. Ntabwo yemerewe gutwara ubugingo bwa Satani. Wavuga ko Imana yemereye Satani gutoteza Yobu kuko ubu ari bwo busobanuro bwo gutoteza. Gutoteza ni ukubabaza umuntu cyane ariko ntumwice. Yobu yatotejwe n'indwara mbi cyane. Abanyeshuri ba Bibiliya batekereza ko yari indwara yitwa elephantiasis, ni ubwoko bwa kanseri ituma uruhu rwawe ruhinduka rugasa n'uruhu rw'inzovu kandi igatuma ugira ibibyimba by'ibibembe bihora bivamo amazi n'amashyira. Yobu yababaye birenze uko umuntu yababara ariko ntiyapfa.

Yobu na none yitwaye neza muri uku kugeragezwa kwa kabiri. Umufasha we yaramubwiye ati, "*Mbese n'ubu uracyakomeje gukiranuka kwawe? Ihakane Imana wipfire. Ariko Yobu aramusubiza ati Uvuze nk'umwe wo mu bagore b'abapfapfa. Mbese ye, twahabwa ibyiza mu kuboko kw'Imana tukanga guhabwa ibibi?*" (Yobu 2:10) Yobu avuga ibyo, yarimo kubaza ati, "Ni iki umukiranutsi agomba gushaka ko Uwiteka amushyira mu biganza kuko yakiranutse?"

Igice kinini cyane cy'igitabo cya Yobu gitangirwa n'iki kibazo Yobu yabajije umugore we. Gato ho mbere y'uko irido rimanurwa ku musozo w'Igice cya Mbere, Yobu asurwa n'inshuti ze eshatu z'abanyabwenge. (2:11) Bari bazanywe no kumuhumuriza. Kimwe na Yobu, nabo bari abagabo bakuze kandi bari abagabo b'abanyabwenge kandi bivugwa ko bari abagabo bakunda Imana. Uyu munsi twabita abafilozofe n'abanyatewologiya. Batangajwe n'uko Yobu yasaga ku buryo bicaranye nawe bakamara icyumweru cyose bacecetse. Nyuma

yahoo Yobu yaje kubabwira ko icyumweru bamaze bacecetse nibwo bwabaye ubuti mwiza cyane wo kubabara kwe. Irido rimanurwa ku musozo w'Igice cya mbere tubona Yobu yicaranye n'inshuti ze mu ruziga bacecetse.

Igice cya Kabiri

Kuganira

Iyo irido rimanitswe kugira ngo Igice cya Kabiri gitangire, tubona incuti eshatu za Yobu ari zo, Elifazi, Biludadi na Zofari. Bicaranye na Yobu nu kababaro kandi bacecetse kumara iminsi irindwi, babaye abahumuriza b'intanga rugero kuko bamuhumurishije kubana nawe. Iyo abantu barimo kubabara, kuhaba kw'incuti biba bikenewe cyane kuruta amagambo.

Icyakora incuti za Yobu hashize igihe zabaye abahumuriza badahumuriza ubwo batangiraga kuvuga ku kababaro ka Yobu. Yobu atangirana iki gice cy'inkinamico nita "Kuganira" avuga amagambo menshi aho avuma umunsi yavukiyeho n'ijoro inda ye yasamiweho. Ntabwo yavumye Imana nk'uko Satni yari yavuze ko azabikora. Igikurikiraho nyuma yahoo Yobu avugiye aya magambo yose ni uko buri umwe wo muri izi ncuti ze avuga amagambo akurikirwa na Yobu ahinyuza ibyo bavuze. Bakomeza kugenda babisubiramo buri umwe nk'inshuro eshatu.

Elifazi avuga ko yahawe ijambo n'Imana, mu buryo bw'umwuka cyane, bushyira umuntu mu mbabazi n'ubutabera bw'Imana. Binyuze mu guhishurirwa yahawe n'Imana, yabwije Yobu ubutwari bukomeye cyane ko kubabara kwe guterwa n'uko hari icyaha afite mu buzima bwe. (Yobu 4:12-21) Biludadi avuga ko Yobu yarimo kubabara, ndetse abana be bishwe n'ibyaha by'abana be. (8:1-7)Yanzura avuga ko Yobu ari umunyabyaha. Zofari we hari imitekerereze yagiraga kandi yari ayikomeyeho cyane. Yavuze ko umuntu atamenya igituma ababara, ariko avuga ko kubitekereza ari ikintu cy'ubwenge cyane kandi cy'ubumana. (11:7-12) Yafatanije n'abandi ndetse yemeranywa nabo ko isoko y'akababaro ka Yobu gaterwa n'icyaha afite mu bugingo bwe. Aba bahumuriza bose uko ari batatu bashishikarije Yobu kwihana.

Mu ncamake, ibi biganiro Yabu yagiranye n'inshuti ze byasubije ikibazo Yobu yabajije umugore we, kigira kiti, "*Mbese ye, twahabwa ibyiza mu kuboko kw'Imana tukanga guhabwa ibibi?*" Bose bemeye ko imana ishyira ibyiza mu

biganza by'umukiranutsi ndetse igashyira ibibi mu biganza by'ukiranirwa. Icyo bavugaga bavuga ibyo ni uko Yobu yari afite afite yo gukiranuka ikaba ari yo mpamvu yatumaga Imana imuha cyangwa imushyira ibibi mu biganza. Barashyamiranye cyane bagerageza gushakisha igisubizo n'impamvu y'ibyo byose.

Muri ibyo biganiro byose, inshuti za Yobu zanzuye ko Yobu yari umugabo ukiranirwa cyangwa w'umunyabyaha. Ubwo yari afite ishusho yo gukiranuka, bose banzuye ko hari ibyaha bihishwe mu buzima bwe.

Umwe muri bo yise Yobu inyo amubwira ko Imana irimo kumuhana buhororo cyane bigereranije n'uko yari akwiriye guhanwa. Undi yavuze ko ibyaha byari mu buzima bw'abana ba Yobu byatumye Imana ibica ndetse igahanisha Yobu akababaro kenshi. Bose bagiriye Yobu inama yo kwatura ibyaha bye no kwihana. Ubu ngira ngo urabona uko amagambi yabo atigeze ahumuriza Yobu.

Mu magambo yababwiye, Yobu yakomeje kubabwira ko ari umukiranutsi. Yari amaramaje cyane mu myumvire ye ko yari umukiranutsi ku buryo yakemanga ubukiranutsi bw'Imana kuba yaramuhaye kariya kababaro kose. Iki kiganiro kirangira abahumuriza ba Yobu banzura ko batazongera gushaka kwemeza Yobu ko ari umunyabyaha.

Nubwo incuti za Yobu bari abagabo b'abanyamwuka kandi bize, nyuma Imana yarababwiye ati, "Ibyo mwamvuze n'ibyo mwavuze umugaragu wanjye ntabwo byari ukuri." (42:7-9) Nyuma yuko Yobu avuganiye n'Imana mu nkubiri y'umuyaga, twumva Yobu wakomeje kubwira incuti ze mu kiganiro bagiranye, ko ari umukiranutsi, avuga ko ari insuzugurwa. (40:4) Iyo usoma amagambo yavuzwe n'incuti za Yobu, wibuke yuko ku musozo w'igitabo, Imana ibabwira ko ibyo bavuze kuri Yobu byose bitari ukuri ndetse n'ibyo bayivuze ubwayo, na byo ntabwo byari ukuri.

Iyo usoma amagambo yavuzwe na Yobu, agizwe cyane no kwiregura ahamya ko akiranuka, ugomba kumenya ko ku musozo w'iki gitabo, Yobu yabonye Imana maze ariyanga kandi yihanire mu mukungugu n'ivu. Ibaze uti, "Kuki Yobu yiyanze kandi yihannye iki?"

Iyo dusomye ko incuti za Yobu zahisemo ko zitari bwongere kugerageza kumwemeza ko ibyaha bye ari byo byamuteye kubabazwa, kandi iyo dusomye ko amagambo ya Yobu arangiye, irido imanurirwa ku Gice cya Kabiri.

Igice cya Gatatu

Igisubizo

Iyo irido rizamuwe mu Gice cya Gatatu, ubona Yobu n'incuti ze bakicaye mu ruziga ariko hari undi mugabo wicaranye nabo. Uwo mugabo yitwaga Elihu kandi yari muto cyane kuri Yobu n'incuti ze. Uwo musore aravuga maze asobanura ko icyatumye atavuga ari uko ari muto mu myaka bamuruta. Ariko ahitamo kuvuga abitewe n'impamvu ebyiri. Iya mbere, asobanukirwa ko ubwenge butangwa n' Umwuka Wera hatitawe ku myaka. Impamvu ya kabiri yatumye avuga ni uko yamenye ko batazigera babonera igisubizo ikibazo bafite kuko barimo kubaza ikibazo kitari cyo.

Igisubizo cy'ikibazo cyo gutotezwa kwa Yobu gisangwa mu magambo yavuzwe na Elihu n'icyo Yobu yamusubije. Muri icyo kiganiro, Elihu yabwiye Yobu kureba hejuru kugira ngo amenye icyo Imana ivuga kuri uko gutotezwa kwe. Dushingiye kuri musore wari ufite ubwenge, tubona ko cya kibazo Yobu yabajije umufasha we cyari ikibazo kidakwiye cyahawe igisubizo kizima, kigira kiti: Mbese utekereza ko byemewe n'amategeko kuba wavuga uti, "Ubukiranutsi bwanjye buraruta ubukiranutsi bw'Imana? Kuko uravuga uti, 'Bizakumarira iki? Biranyungura iki kiruta iyo nza gucumura?' Ndagira ngo nkusubize, wowe n'incuti zawe. Reba mu ijuru maze witegereze, urebe ibicu, biri hejuru yawe. Niba waracumuye, ni iki watwara Imana? Kandi niba ibyaha byawe ari byinshi, Imana wayikorera iki, ni iki wayiha, cyangwa ni iki yakura mu biganza byawe?" (Yobu 35:2-7)

Kuba warambura ikiganza cyawe hagati mu kababaro kawe maze ukabaza ikibazo kigira kiti, "Ni iki Imana iribushyire mu biganza byanjye?" ni ikibazo kibi cyabazwa ndetse n'imitekerereze mibi twagira mu mibanire yacu n'Imana. Intego nyamukuru yo kuremwa k'umuntu ni ukuramya Imana cyangwa guhesha Imana icyubahiro. Ibi bisobanuye ko tugomba gushyira ikiganza cy'Imana kibumbuye hagati mu kababaro kacu, no mu buzima bwacu, maze tugahora tubaza tuti, "Ni iki ndimo gushyira mu biganza by'Imana?"

Wibuke yuko ikirego Satani yaregaga Yobu ari icyo uyu munsi twita umukiristo wishakira amaramuko. Nka ba bandi bakurikiraga Yesu bamushakaho imigati n'amafi, Yobu yabayeho ubuzima bwe bwoseabumbuye ibiganza bye abaho ubuzima bwe bw'ubukiranutsi.

Nigeze kubaza ikibazo kigira kiti, "Kuki Yobu yiyanze abonye Imana?" Ikindi, "Ni iki Yobu yihannye abonye Imana?" Ntekereza ko Yobu yamenye binyuze mu magambo yavuzwe na Elihu, ko yarimo gushyira ikiganza cye kibumbuye hagati mu mubano we n'Imana. Ntabwo yari abizi kugeza ubwo Imana yakoreshaga akababaro kubimuhishurira. Amenye ko arimo gukoresha Imana kugira ngo yironkere amaramuko nibwo yiyanze maze arihana yisiga ivu n'umukungugu.

Nubwo Yobu yari yahakanyije ibyavuzwe n'abamuhumurizaga, ntabwo yigeze ahakanya ibyavuzwe n'uyu musore. Yakoze ibyo uwo musore yamubwiye gukora. Yarebye hejuru, abikoze, abona Imana iri mu nkubiri y'umuyaga.

Maze we n'Imana bamara umwanya baganira maze nyuma y'icyo kiganiro yagiranye n'Imana, aravuga ati: "Ikinteye kwizinukwa nkihana ni uko nafashe kumurwa wanjye simvuge. Ntabwo nakomeza kutavuga." Nyuma yo kongera kuganira n'Imana, Yobu aravuga ati: "*Ibyawe nari narabyumvishije amatwi, ariko noneho ubu amaso yanjye arakureba. Ni cyo kinteye kwizinukwa nkaba nihannye, nigaragura mu mukungugu n'ivu*." (Yobu 42:4-6)

Nyuma yo kwihana kwa Yobu, Imana yacyashye incuti za Yobu. Ibyo bibaye, Yobu asabira cyangwa asengera incuti ze. Yobu asabiye incuti ze, Imana yakubiye kabiri ibyo Yobu yari atunze byose. Iyo irido rimanuwe ku musozo w'Igice cya Gatatu, tubona Imana yakubye kabiri imitungo ya Yobu yose kandi afite abandi bana barindwi b'ababahungu n'abandi b'ababakobwa batatu.

Ubutumwa Dukuramo

Ibitabo bitanu bya mbere by'ibisigo ni ijambo ry'Imana ryagenewe imitima irimo kubabara. Hari ukuntu iki gikorwa cya cyera cyo kubabazwa no gutotezwa gisa nk'urugero rwa kimwe mu bintu Yesu yigishirije ku musozi, kigira kiti: "*Hahirwa abashavura, kuko ari bo bazahozwa.*" (5:4) Ni kenshi ubona inyigisho yo mu Isezerano Rishya isobanurwa

mu Isezerano rya Kera. Mu Isezerano Rishya, Yesu aduha iyi nyigisho ikomeye mu nteruro imwe, ariko gitiabo cya Yobu gishyira mu ngiro uko kuri mu buzima runaka ndetse kigisha intambwe eshatu twatera kugira ngo tubone ihumure n'umugisha Kristo yasezeranije barimo kubabazwa. Izo ntambwe eshatu ni izi:

Urutambwe rwa mbere: Reka kubabazwa kukugeze ahantu, aho yenda ku nshuro ya mbere wabaza ibibazo bikwiriye.

Itegereze uko Yobu abitugaragariza. Usoma iki gitabo, itegereze uko kubabara kwa Yobu kwatumye abaza ibibazo nka: "Mbese Imana yaba ibona ibirimo kumbona? Niba ibyiringiro nsigaje byonyine ari imva, ubwo se ibyiringiro byanjye ni ibihe? Mbese umuntu ni iki kugira ngo umusuzume ndetse umutekerezeho cyane? Kuki Imana yankuye mu nda ya mama? Mbese hari imbaraga mfite zakwifasha? Iyo umuntu apfuye, arashyingurwa, akabora, ubwo se ntaba ashizeho? Mbese iyo umuntu apfuye, yongera kubaho?" (14:10,14) Ibi ni byo bibazo Imana ishaka ko tubaza iyo turimo kubabazwa ndetse turira.

Urutambwe rwa Kabiri: Reka kubabazwa cyangwa akababaro kawe kakugeze ahantu wakumvira ibisubizo by'Imana by'ibibazo byiza. Yobu yabajije ibi bibazo agira ati, "Iyo umuntu apfuye, mbese yongera kubaho?" Imana yasubije icyo kibazo ubwo yakubaga kabiri ibyo imitungo ya Yobu. Itegereze ko Imana yakubye kabiri amatungo, ariko ntabwo yigeze ikuba kabiri urubyaro, ahubwo yamuhaye abandi bahungu barindwi n'abandi bakobwa batatu ubwo yakubaga kabiri ibindi Yobu yari atunze.

Icyo ibi bisobanuye ni uko ubwo amatungo yapfaga, yapfuye burundu, ariko abahungu be n'abakobwa be bapfa, bo ntibapfuye burundu, kuko bakomeje kubaho mu buzira herezo. Kugira ngo Imana ikube akabiri urubyaro rwa Yobu, yamuhaye abandi bahungu barindwi n'abakobwa batatu. Tubirebeye mu buryo bw'ubuzira herezo, Imana yagombaga kumuha abandi bahungu barindwi n'abakobwa batatu. Na none tubirebeye mu buryo bw'ubuzira herezo, ubwo Yobu yari agejeje abahungu cumi na bane n'abakobwa batandatu. Ubu ni uburyo bumwe Imana yasubijemo ikibazo Yobu yabajije kigira kiti, "Iyo umuntu apfuye, mbese arongera akabaho?"

Mu byanditswe usangamo ibisubizo byinshi by'iki kibazo,

nk'uko Imana isubiza Yobu ibisubizo yayibajije, Zaburi ya makumyabiri na gatatu, no mu Isezerano Rishya aho Yesu atubwira ko ari we kuzuka n'ubugingo, kandi ko umwizera wese atazarimbuka. (Yohana 11:25,26)Nusoma mu byanditswe uzasangamo ibisubizo byiza byinshi aho Imana isubiza ibibazo byiza biba byabajijwe. Shakisha ibyo bisubizo usenga maze utege amatwi neza wumve Imana ikuyobora kuri ibyo bisubizo byiza by'ibibazo byiz abyabajijwe mu Ijambo ryayo.

Urutambwe rwa Gatatu: Reka kurira kwawe kukugeze aho wizera ibisubzo by'Imana ku bibazo byiza. Nubaza ibibazo bikwiriye cyangwa byiza, ujye utega amatwi wumve ibisubizo by'Imana by'ibyo bibazo, kandi wizere cyangwa wemere ibisubizo by'Imana by'ibyo bibazo, nibwo uzabona umugisha n'ihumure ryasezeranijwe na Yesu arisezeranya abababazwa. Bibiliya yita uwo mugisha n'ihumure, "Agakiza."

Igice cya Kabiri:

Impamvu Mirongo Itatu zo muri Bibiliya zituma Ubwoko bw'Imana butotezwa cyangwa bubabara.

Hashize imyaka ibihumbi ubwoko bw'Imana cyangwa abantu b'Imana bibaza bait, "Kuki abakiranutsi bababara cyangwa batotezwa?" Igitabo cya Yobu ni cyo gitabo gisubizo cyiza kandi gihagije cy'icyo kibazo. Ariko igitabo cya Yobu ntabwo ari cyo gisubizo cy'icyo kibazo cyonyine usanga muri Bibiliya yose. Uhereye mu Itangiriro ukageza mu Ibyahishuwe, ubona ko kubabara cyangwa gutotezwa k'ubwoko bw'Imana kuvugwa mu Ijambo ry'Imana. Muri iki gice, ndavuga mu ncamake impamvu zigera kuri mirongo itatu zituma uko gutotezwa no kubabara kubaho.

1. **Kubabara kwatwigisha ko Imana ubwayo ari yo soko y'ihumure.** Hari igitecyerezo kimwe cyahumurije Pawulo ubwo yageragezwaga bikomeye muri Aziya. Yaravuze ati, *"Hashimwe Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo ari yo na Se, ari na yo Data wa twese w'imbabazi n'Imana nyir'ihumure ryose." (2 Abakorinto 1:3)* Kubabara kwatumye Pawulo asobanukirwa ko Imana yari kumwe nawe kandi ko

yamuhumuriza. Pawulo adushishikariza natwe kubisobanukirwa igihe turimo kubabara.

2. **Kubabara kuratoza, gutanga ubushobozi, kandi kudutegurira guhumuriza abandi.** Pawulo yakomeje igitecyerezo yatangiye mu cyanditswe twavuze agira ati: *"Iduhumuriza mu makuba yacu yose kugira ngo natwe tubone uko duhumuriza abari mu makuba yose, tubahumurisha ihumure twahawe n'Imana." (2 Abakorinto 1:4)* Umuvugabutumwa ni umuntu usabiriza ubwira undi muntu usabiriza aho umutsima cyangwa umugati uri. Iyo tubonye ihumure ritangwa n'Imana gusa, nibwo tuba abatanga humure bemewe. Abantu bababajwe maze kubabara kwabo kugatuma bashaka ihumure ritangwa n'Imana, nibo bonyine babwira umuntu urimo kubabara aho umuhumuriza ari, cyangwa umuhumuriza uwo ari we.

3. **Kubabara bituma dushaka ubwenge bw'Imana.** Dushingiye ku byavuzwe na Yakobo, iyo akababaro kacu katugejeje aho twumva tutazi icyo gukora tugomba gusaba Imana ubwenge tudafite. "*Ariko niba hariho umuntu muri mwe ubuze ubwenge, abusabe Imana iha abantu bose, itimana, itishama, kandi azabuhabwa*." (Yakobo 1:5) Yakobo aduhamiriza ko Imana izadusukaho ubwenge dukeneye.

4. **Kutotezwa cyangwa kubabara bituma dukura mu mwuka.** *Yakobo yarigishije avuga ko kubabara cyangwa gutotezwa "kudutunganya kandi kukadushyitsa tutabuzeho na hato."* (Yakobo 1:4) Kugeragezwa ko kwizera gutera kwemerwa ko kwizera. Kwemerwa ko kwizera gutera kunesha kunesha ko kwizera, cyangwa "Ikamba ry'ubugingo." (12)

5. **Kubabara cyangwa gutotezwa kuduhesha ubuntu bw'Imana.** Iyo Imana iduhaye ubwenge kuko tutazi icyo gukora, tuba dukeneye n'ubuntu bw'Imana kugira ngo dushyire mu bikorwa ubwenge Imana iduha. Pawulo yaranditse ati: "*Kandi rero Imana ishoboye kubasazaho ubuntu bwose, kugira ngo murusheho gukora ibyiza byose, mufite ibibahagije muri byose*." (2 Abakorinto 9:8) Ubuntu bwose, mwese, igihe cyose, bihagije muri byose, ibintu byose, imirimo myiza yose. Ni cyo gituma Pawulo atubwira ko tugomba kunezererwa mu mibabaro ituma dusobanukirwa ubu butunz bw'ubwenge n'ubuntu.

6. **Kubabara cyangwa gutotezwa gutuma dukomera mu mwuka.** Kubabara gutuma kamere yacu ikomera ku buryo tutacika intege iyo ibintu bigenze nabi: "*Ariko si ibyo byonyine, ahubwo twishimira no mu makuba yacu, kuko tuzi yuko amakuba atera kwihangana, kandi kwihangana kugatera kunesha ibitugerageza, uko kunesha kugatera ibyiringiro. Bene ibyo byiringiro ntibikoza isoni, kuko urukundo rw'Imana rwasabye mu mitima yacu ku bw'Umwuka Wera twahawe."* (Abaroma 5:3-5)Aya magambo nko kwihangana n'ingeso nziza bisobanura icyo twakwita, "Ubushobozi bwo kuguma". Iyi ni imiterere yihanganira ibintu byose uko byasa cyangw auko baba biteye. Iki ni cyo gituma ironji riba umuhondo. Riguma ku giti kugeza ubwo riba umuhondo. Kubabara no gutotezwa bituma umuntu agira iyi miterere y'ingenzi cyane yo mu mwuka.

7. **Iyo tubabaye cyangwa dutotejwe mu busore bwacu, biduha imbaraga zo mu bukuru bwacu.** Yeremiya avuga mu Amaganya 3:27 ati, **"***Bikwiriye umuntu kuremererwa akiri umusore*." Iyo abasore n'inkumi bageragejwe ndetse bakoshywa bibaha imbaraga no gukomera bazakenera kugira ngo bihanganire ibigeragezo bakuze.

8. **Kubabara no gutotezwa bitoza abavugabutumwa bwiza.** Pawulo yaranditse avuga ko akababaro cyangwa mu kababaro ari mo tugaragarira ko turi abakozi b'Imana. Yagize ati: "*Ahubwo ku kintu cyose twihe agaciro nk'abakozi b'Imana bagabura ibyayo, twihangana cyane mu makuba, mu mibabaro, mu byago."* Imana yifuza ko nitugeragezwa cyagwa tugatotezwa tubinyuramo "Tuboneye, dufite ubwenge, tutarambirwa, tugira neza", kandi dukura imbaraga zo gukora ibyo cyangwa kwitwara dutyo imbere y'imibabaro n'ibgereagezo mu Mwuka Wera, mu rukundo rutaryarya, mu ijambo ry'ukuri, no mu mbaraga z'Imana." (6, 7) Kubabara ni cyo gikoresho Imana ikoresha gushyiraho iri "Shuri" itorezamo cyangwa ihuguriramo abavugabutumwa bwiza.

9. **Kubabara kuzana "imirimo y'ibitangaza" mu ngendo zacu zo kwizera.** Igihe Dawidi yasengeraga gutabarwa mu gihe cy'amakuba akomeye cyane (Zaburi 3:1-6, yasenganye kwizera no gushira amanga kuko yari yarabonye ubwizerwa bw'Imana mu bihe by'amakuba byari byaramubayeho mbere. Igihe cyose iyo tumenye ko Imana iri kumwe natwe mu gihe cy'amakuba, tubona "igitangaza" kizadukomeza ndetse kigaha imbaraga kwizera kwacu mu bibazo by'ubu ndetse n'ibizaza.

10. **Kubabara guharurira inzira agakiza kacu.** Yesaya yahanuye ko ubuzima bwa Mesiya buzaba inzira nyabagendwa Imana izakoresha kugeza agakiza muri iyi si. Yaranditse ati: "*Igikombe cyose kizuzuzwa kandi umusozi wose n'agasozi bizaringanizwa, n'ahagoramye hazagororwa n'inzira zidaharuwe zizaharurwa."* (Yesaya 40:4) Ubuzima bwa Yesu bwabaye umuhanda aho Imana n'agakiza byaziye muri iyi si. Gusa na Kristo bisobanuye ko tugomba kuba umuhanda cyangwa ikiraro Imana ikoresha kuzana agakiza muri iyi si ari twe ikoresheje. Imana ishoboye guha abandi agakiza ikoresheje

ubuzima bwacu iyo imisozi yacu y'ubwibone iringanijwe, iyo ubusa bwacu bwujujwe, iyo inzira acu zigoramye ziringanijwe, ndetse n'ibizinga byacu bikuweho.

11. **Akababaro kagaragaza imbaraga z'Imana.** Igihe Pawulo yasengaga ngo Imana imukuremo ihwa, Imana yaramubwiye ngo, **"***Ubuntu bwanjye buraguhagije, kuko aho intege nke ziri ari ho imbaraga zanjye zuzura." Nuko nzanezerwa cyane kwirata intege nke zanjye, ngo imbaraga za Kristo zinzeho."* (2 Abakorinto 12:9)Intege nke zacu zakoreshwa n'Imana kugaragaza imbaraga n'ubushobozi bwayo. Iyi yaba imwe mu mpamvu zisobanura igituma habaho umuruho ukabije uterwa no kubabara ko gutotezwa k'ubwoko butandukanye. Kunanirwa kwacu kwagaragaza gushobora kwayo.
12. **Kudashobora kwacu kwagaragaza gushobora kw'Imana.** Kubabara igihe cyose bidutera kudashobora. Pawulo yaciwe intege cyane n'ihwa ryari mu mubiri we. (2 Abakorinto 12:7-10)Ariko iyo ducitse intege, Imana ikomeza gukomera.Iyo tudashoboye, Imana ia ishoboye. Imana yakoresha kubabara kwacu kutumenyesha aho imbaraga zacu zigarukira n'aho imbaraga zayo zitangirira.
13. **Kubabara byaba amahirwe yo kwiga guca bugufi.** Pawulo yanditse ko ihwa ryari mu mubiri we ryakoreshwaga"kumurinda kwishyira hejuru," abitwe n'ibintu bitangaje yabonye, kandi iryo hwa cyangwa igishakwe cyari intumwa ya Satani yo "kujomba ubwibone bwanjye."(2 Abakorinto 12:7) Kuko dushobora koshywa no gutega amatwi gushimwa iyo Imana idukoresheje, maze tukambura Imana icyubahiro cyayo, hari ubwo Imana ikoresha kubabara kugira ngo dukomeza guca bugufi.
14. **Imibabaro akenshi iganisha ku munezero.** Muri Zaburi 126:5, handitse ngo: "*Ababiba barira, Bazasarura bishima*." Amarira turira mu bihe by'akababaro akenshi aba ari "imbuto" umunsi umwe zizera imbuto y'umunezero.

Nubwo umubabaro umara igihe, utanga umunezero mu gihe cy'isarura. Hari ubwo byaba ngombwa ko dutegereza ubuzima butagira iherezo kugira ngo tuvuze impundu z'umunezero.

15. **Akababaro hari ubwo gasa no "gutemwa) gusa n'imbogamizi.** Yesu yavuze ko turi amashami maze we akaba Umuzabibu. Kugira ngo twere imbuto, tugomba kuguma mu mubano na Kristo kuko ari we Muzabibu wacu nk'uko ishami riba mu muzabibu. Kugira ngo twere imbuto tugomba no kwihanganira n'akababaro kazanwa no kwaganwaho amahage, ariko gutemwa bituma umuntu arushaho kwera imbuto no kugira ubuzima bwuzuye umunezero muri Kristo. (Yohana 15:2; 11)
16. **Kubabara bihishurira isi Kristo.** Pawulo yaranditse avuga ko iyo turimo kubabazwa cyangwa gutotezwa, tuba tumeze nk'inzabya zibumbwe mu ibumba kuburyo tugomba kwihanganira imibabaro yacu kugira ngo tugaragaze ubutunzi bwa Kristo butagereranwa, Kristo umeze nk'umucyo ukomeye umurikira iyi si unyuze mu myenge y'inzabya zacu. (2 Abakorint 4:7-10) Iyo turimo kubabara cyangwa gutotezwa, **"***Dufite amakuba impande zose ariko ntidukuka imitima, turashobewe ariko ntitwihebye, turarenganywa ariko ntiduhanwa, dukubitwa hasi ariko ntidutsindwa rwose. Tugendana mu mubiri iteka urupfu rwa Yesu, ngo ubugingo bwa Yesu na bwo bugaragarire mu mibiri yacu, kuko twebwe abazima dutangwa iteka ngo dupfe baduhora Yesu, kugira ngo ubugingo bwa Yesu na bwo bugaragarire mu mibiri yacu izapfa."*
17. **Imibabaro yasembura gukura k'umuntu wacu w'imbere.** Umuntu wacu wo hanze cyangwa umubiri ni uw'agateganyo, ariko uw'imbere n'uw'iteka ryose. *"Ni cyo gituma tudacogora, kandi nubwo umuntu wacu w'inyuma asaza, umuntu wacu w'imbere ahora ahinduka mushya uko bukeye."* (2 Abakorinto

4:16) Imibabaro yacu ni iy'akanya gato, ariko hari ubwo ingaruka z'imibabaro yacu zaba iz'ubuzira herezo. Iki ni igitekerezo cyiza twaganiriza abarimo kubabazwa n'uburwayi bwatuma bajya mu buzira herezo.

18. **Kubabara cyangwa gutotezwa kwatwigisha indangagaciro z'ubuziraherezo.** Tubwirwa ko mu bihe bya nyuma, isi izanyeganyezwa kugeza ubwo hazasigara iby'ubuziraherezo bitajya binyeganyezwa. (Abaheburayo 12:25-29) Kuko ubugingo bwacu ari ubw'igihe gito, kandi indangagaciro zacu zikaba zomatanye n'ibintu by'igihe gito byo muri si, hari ubwo Imana ikoresha gutotezwa gukura amaso yacu kuri ibyo bintu by'igihe gito tukayahanga indangagaciro z'ubuziraherezo.
19. **Imibabaro yadutunganya:** Imana yacu ni umuriro ukongora. Hari ubwo ikoresha imibabaro gutwika buri kintu cyose kiri mu bugingo bwacu kinyurana na kamere yayo yera. Iki gikorwa cyo gutunganyirizwa ubuziraherezo, hari ubwo cyakorwa hakoreshejwe akababaro.
20. **Imibabaro hari ubwo iba ingaruka cyangwa umusaruro wo guhitamo nabi.** Dusarura ibyo twabibye. Iyo tubibye ibibi, dusarura ibibi. Ibitekerezo byanduye bituma umuntu abaho ubuzima bwanduye. Hari ubwo, iyo tubabajwe cyangwa dutotejwe tuba dusarura "ibyo twabibye" cyangwa ingaruka z'ibyo twakoze kuko twabibye imbuto mbi mu murima w'ubugingo bwacu. (Abagalatiya 6:7-8)
21. **Imibabaro yemeza abo turi bo nk'abana b'Imana.** Imana ihana neza abana bayo nyakuri. (Abaheburayo 12:4-11; John 1:12; 13) Imana igira inshingano ku bana bayo, inshingano itagira kuri abo batayita Data kandi twe turi abana b'Imana, iraduhana iyo ducumuye.
22. **Hari imibabaro isobanura ko Kristo ashaka kugi rana umubano natwe.** Kristo muzima, wazutse arimo gukomanga ku mitima y'abo badashyishye kandi ntibakonje mu mubano wabo

nawe. Uko gukomanga guhagararira gucyaha no guhana kwe kuko tumwita Umukiza ariko ntitumwite Umwami. (Ibyahishuwe 3:19,20) Yifuza kugera buri hantu h'ingenzi ho mu buzima bwacu maze akagirana umubano natwe. Hari ubwo Kristo yakwinjira akoresheje imibabaro.

23. **Ibiraro by'ingurube bijya bituma abana b'ibirara bataha.** Nk'uko umwana w'ikirara "yisubiyeho" ubwo yababarizwaga mu kiraro cy'ingurube (Luka 15:17), ni nako kubabarira mu biraro by'ingurube byo muri iyi si byatuma twisubiraho, kugatuma twihana, kukatugarura mu mubano n'indangagaciro za Data.
24. **Imibabaro izanwa no guhanwa iduhesha ukwera kw'Imana.** Iyo Imana Data idukunda iduhannye, handitse ngo: *"Naho uwo aduhanira kugira ngo bitubere byiza dusangire kwera kwe."* (Abaheburayo 12:10) Imana irera, kandi ishaka ko natwe tuba abera. Hari ubwo ikoresha imibabaro kugira ngo idufashe gusobanukirwa akamaro ko kwera muri kamere yayo no muri kamere yacu.
25. **Tubabazwa kuko isi yanga Kristo n'abayoboke Be.** Intumwa Pawulo yaranditse ati, *"Icyakora n'ubundi abashaka kujya bubaha Imana bose bari muri Kristo Yesu, bazarenganywa."* (2 Timoteyo 3:12)
26. **Imibabaro itunganya kwizera kwacu. Petero yaranditse ati, "***Ni cyo gituma mwishima, nubwo ahari mukwiriye kumara igihe gito mubabazwa n'ibibageragezа byinshi, kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko kurusha izahabu igiciro cyinshi (kandi izahabu nubwo ishira igeragereshwa umuriro), kandi kugira ngo kwizera kwanyu kugaragare ko ari uk'ukuri, amaherezo kuzabahesha ishimwe n'ubwiza n'icyubahiro ubwo Yesu Kristo azahishurwa."* (1 Petero 1:6-7) Nk'uko izahabu itunganywa n'umuriro, ni nako no kwizera kwacu, kw'agaciro karuta aka zahabu, kwezwa cyangwa gutunganywa"n'umuriro w'imibabaro yacu.

27. **Iyo tubabajwe cyangwa dutotejwe, tuba dukurikiza urugero rw'umukiza wacu Kristo.** Petero yaranditse avuga ko twahamagariwe gutera urutambwe "mu rwa Kristo." (1 Petero 2:21) Yihanganiye akababaro k'umusaraba kugira ngo tubone agakiza. Yatubwiye neza kandi yeruye ko tugomba kwikorera imisaraba yacu tugakurikiza urugero rwe. "Luka 9:23-25; 14:25-35) Tuba dutera urutambwe mu rwe iyo twihanganira imibabaro kubwe.
28. **Imibabaro hari ubwo ikingura inzugi z'ubwami bw'Imana.** Igihe Pawulo na Barinaba batotezwaga bari mu ngendo z'ivugabutumwa, bakomeje abandi bakristo bagira bati, *"Bakomeza imitima y'abigishwa, babahugura ngo bagumirize kwizera. Bababwira uburyo dukwiriye guca mu makuba menshi, niba dushaka kwinjira mu bwami bw'Imana."* (Ibyakozwe 14:22)Nubwo tutagomba kubabazwa cyangwa gutotezwa kugira ngo tujye mu bwami bw'Imana, hari abantu benshi binjira mu bwami bw'Imana banyuze mu muryango w'imibabaro no gutotezwa.
29. **Twese tugomba kujya mu buzima buzira iherezo tunyuze mu rupfu no kuzuka.** Yesu yabwiye umugore wari ku kiriyo ko ibibazo biri tugira tutagirira ibisubizo ari byo indwara n'urupfu byaba umuryango utuganisha mu buzima bw'iteka ryose. (Yohana 11:20-32)Ibyo bibazo byombi twabihinduramo amatike atujyana mu ijuru twizera ko Yesu Kristo ari we gisubizo cy'ibyo bibazo wenyine. Imana ntabwo yakuraho indwara n'urupfu, kuko byatuma tubura uburyo bwonyine dufite bwo kuva muri iyi si. Iki ni ikindi gisobanuro cya Bibiliya cy'impamvu hari ubwo tugomba gutotezwa cyangwa kugira imibabaro.
30. **Imyumvire ya Bibiliya ku rupfu.** Kugira ngo agaragaze ubushobozi bw'ubuyobozi, umwungeri iteka akoma intama ku mutwe azikomesha inkoni kugira ngo zice bugufi cyangwa zihine inkokora. Dushingiye ku

byavuzwe na Dawidi, Imana itubera umwungeri iyo ituryamishije hasi (Zaburi 23:2) Iyo uwo mubano ubayeho, Imana ituyobora iruhande rw'amazi adasuma, mu bwatsi bubisi, no ku gikombe gisesekaye. Iyo twongeye tugahaguruka, ubwo bwatsi bwongera kuma, amazi arasuma, n'igikombe kibamo ubusa.

Urupfu nirwo Mwungeri Mwiza uturyamisha hasi mu rupfu kugira ngo aduhe ubwatsi bubisi butajya bwuma, amazi adasuma, n'igikombe kitajya gishiramo ibyacyo. Kugira ngo aduhe izi ndangagaciro z'ubuzira herezo, tugomba guhura n'ibyo bibazo bibiri bitagira igisubizo, ari byo indwara n'urupfu. Ubu nibwo busobanuro bukuru bwa Bibiliya bw'igituma ubwoko bw'Imana hari ubwo bugomba kubabara.

Ijambo ry'Imana rigira byinshi ritubwira ku kubabara no gutotezwa, ariko kandi hariho no kubabara kwinshi k'ubwoko bw'Imana tudasobanukirwa. Ijambo tujya dukoresha cyane muri ubu buzima ni ijambo, "Kuki?" Ijambo tuzakoresha cyane nitugera mu ijuru, riza ari, "Oh!" Nyuma yo kuvuga ngo, "Oh" kumara imyaka ibihumbi icumi, tuzatangira kuvuga ngo, "Halleluyah!"

Igice cya Gatatu

Igitabo cya Zaburi

Igitabo cya Zaburi gifasha imitima y'ubwoko bw'Imana iyo barimo kuramya. Zaburi ni indirimbo ijana na mirongo itanu zahumetswe n'Imana zajyaga ziririmbwa n'ubwoko bw'Imana bwo mu Isezerano rya Kera. Imana yahaye Zaburi ubwoko bwayo kugira ngo bayigaragarize urukundo, ishimwe, n'amasengesho nibajya baramya. Izi ndirimbo zahumetswe zikujyana mu kubaho kw'Imana kandi zigufasha kugaragariza Imana urukundo, ishimwe n'amasengesho igihe urimo kuramya.

Ubusobanuro bugufi kuri za Zaburi

Mbere yuko Isezerano rya Kera risemurwa rigashyirwa mu rurimi rw'Ikigereki, igitabo cya Zaburi cyari kigabanijemo

ibitabo bitanu bitandukanye, ari byo: Zaburi 1-41, 42-72, 73-90, 91-107, na 108-150. Zaburi zigera kuri mirongo irindwi n'eshatu bivugwa ko zanditswe na Dawidi, hanyuma bikavugwa ko Asafu yanditse makumyabiri maze hakavugwa ko bahungu ba Kora banditse zirindwi. Abanditsi n'abasomyi bavuga ko Hezekiya yanditse Zaburi cumi, maze bikavugwa ko Mose, Ezira na Salomo buri umwe yandika Zaburi imwe.

Hari Zaburi nyinshi zitazwi uwazanditse ariko bikavugwa ko zaba zaranditswe n'Abalewi, abaririmbyi batoranijwe na Dawidi, cyangwa zimwe muri zo zitazwi zikaba zaranditswe na Dawidi. Dawidi ubwe wasanga ari we wanditse izo Zaburi zitazwi uwazanditse.

Ibicurangisho

Amagambo abanziriza Zaburi akenshi aba agizwe n'amabwiriza y'umuziki, na nehiloth, rigaragaza ko hagombwa gucurangwa ibicurangisho bihuhwamo umwuka, cyangwa neginoth, rigaragaza ko hagomba gucurangwa ibicurangisho by'imirya. Ijambo Selah, riri mu gitabo cya Zaburi hose, risobanuye ngo, "tuza maze utekereze kuri iki kintu uramya." Iri jambo muri icyo gihe wasanga ryari risobanuye nk'icyo gutuza mu muziki w'iki gihe bivuze. Hari abatecyereza ko ryari risobanuye ahantu iyo bacuranga aho bacuranga batuje cyangwa amajwi y'abaririmbyi acecetse.

Habwirwa Nde Ndetse Havuga Nde

Umwanditsi w'indirimbo za zaburi wa kera ndetse n'uw'ubu hari ubwo aba abwira Imana Imana, uko ni uguhimbaza: hari ubwo aba abwira Imana umuntu, ubwo aba asenga, cyangwa akabwira umuntu Imana, bivuze ko aba abwiriza. Iyo usomye amagambo ya buri Zaburi, ujye wibaza uti, "Mbese umwanditsi arabwira nde, kandi aravuga nde?" Kubaza no gusubiza icyo kibazo bituma usobanukirwa ubutumwa n'ishyira mu bikorwa rya Zaburi urimo gusoma.

Ubutumwa Bukuru Buri Muri Zaburi

Usanga ubutumwa bukuru bune bushimangirwa muri Zaburi, ubuzwi cyane ni hahirwa umuntu. Ubu butumwa buri mu gitabo cya Zaburi cyose. Zaburi ivuga ku muntu uhirwa iteka igaragaza ko guhirwa k'umuntu uhirwa atari impanuka, ahubwo ni ingaruka yo kwizera n'amahitamo yo mu mwuka by'umwanditsi wa Zaburi. Usanga ubu butumwa muri Zaburi

ya 1, 23, 32, 128, n'ahandi henshi.

Ubutumwa bw'amarangamutima nabwo bugaragara cyane muri Zaburi. Izi Zaburi zivuga amarangamutima runaka kandi kenshi zikatwereka uko twakwita kuri ayo marangamutima. Ikirere amarangamutima yawe yaba arimo cyose igihe urimo gusoma Zaburi, icyo kirere cy'amarangamutima ugisanga muri Zaburi. Iyo ubabaye, wuzuye agahinda, uremererewe no gucirwa urubanza muri wowe, ukomeretse umutima, iyo wuzuye amashimwe ubitewe n'imigisha myinshi, ukaba wumva ushaka kuramya ushima, buri marangamutima yose waba ufite ugiye gusoma Zaburi, ubona Zaburi zikemura ndetse zikubwira icyo wakorera ayo marangamutima.

Ujye uhora witegereza icyo umwanditsi wa Zaburi yakoreye icyo kirere cy'amarangamutima maze nawe ube ari ko ugenza amarangamutima yawe. Zimwe muri Zaburi z'amarangamutima ni Zaburi 3, 4, 32, 34, 51, na 55.

Kuramya ni ubundi butumwa bw'ingenzi buri mu gitabo cya Zaburi. Muri Zaburi zo kuramya, umwanditsi ntabwo avuga imana ayibwira Imana, ahubwo adushishikariza kuramya kandi anatwigisha kuramya. Zimwe muri Zaburi zo kuramya ni Zaburi 8, 63,100, 103, na 107.

Abanditsi ba Zaburi hari ibihe bandikaga nk'abahanuzi, baremaa ibyo twita Zaburi zahanuraga kuza kwa Mesiya. Izi Zaburi zivuga zihanura kuza kwa Mesiya. Dawidi yavuze ahanura kuza kwa mbere kwa Yesu Kristo, no kuzuka kwe, muri Zaburi 16. Ku munsi wa Pantekote Petero yabwirije iyi Zaburi. Izindi ngero za Zaburi zivuga kuz akwa Mesiya ni Zaburi 2, 8, 46, 22, na 110.

Amateka ya Zaburi

Amateka Zaburi nyinshi zandikiwemo asangwa muri Samweli wa Mbere n'uwa Kabiri ndetse no mu Ngomba. Dawidi yanditse icya kabiri cya Zaburi zose kandi umwirondoro we uri muri ibyo bitabo by'amateka. Ibigize Zaburi zanditswe na Dawidi cyangwa amagambo azitangiza, kenshi usanga atanga amateka y'ukuntu byari bimeze zandikwa. Wakoresha ubwo bumenyi kubaza ibi bitabo by'amateka amakuru y'ukuntu byari bimeze zandikwa. Kumenya aya mateka ya Zaburi runaka bigufasha gusobanura ndetse no gushyira mu bikorwa mu buzima bwawe ubutumwa burimo.

Hagati y'ubutumwa bwiza burimo, usanga bamwe mu banditsi ba Zaburi basengera abanzi babo. Muri ayo masengesho, abanditsi usanga basaba Imana kubafasha gukurisha amenyo y'abanzi babo inkota zabo, cyangwa gukubita abanzi babo bakoresheje intwaro zabo kugeza bapfuye. Ibi rero bihabana n'uko Yesu yavuze ngo, *"Mukunde abanzi banyu, musabire ababarenganya."* (Matayo 5:44)

Iyi ni indi mpamvu ari ingenzi cyane kumenya amateka nusoma Zaburi. Izi ndirimbo za kera zahumetswe n'Imana zanditswe mu gihe cy'amategeko, zavugaga ko bikwiriye kwanga abanzi, cyane cyane iyo babaga bubahutse Uwitka (Gutegeka kwa Kabiri 23:3-6) Ni cyo cyatumye Dawidi ari nta kibazo yabonye ko hari icyo bitwaye ubwo yasengaga ngo, "Mbese sinagan abakwanga? Ndabanga cyane kandi mbicisha inkota yanjye bakamera nk'umukungugu wo hasi." Amateka agaragaza ko aya masengesho nta kibazo yari afite, yari akwiriye igihe iyi Zaburi yandikwaga.

Zaburi ya Makumyabiri na Gatatu

"Imvugo y'Intama"

Zaburi ya Dawidi y'Umushumba niyo Zaburi ikundwa cyane na miliyoni nyinshi z'Abisirayeli, Abanyagatolika, n'Abapoloso. Muri iyi Zaburi, Dawidi yarimo kubwiriza kuko yabwiraga umuntu Imana ye. Imiterere y'iyi Zaburi ni "imvugo y'intama" kuko intama irimo kubwira indi ntama iyibwira gukomera k'umwungeri wayo, igira iti:

"Uwiteka ni we mwungeri wanjye sinzakena,
Andyamisha mu cyanya cy'ubwatsi bubisi,
Anjyana iruhande rw'amazi adasuma.
Asubiza intege mu bugingo bwanjye,
Anyobora inzira yo gukiranuka ku bw'izina rye.
Naho nanyura mu gikombe cy'igicucu cy'urupfu,
Sinzatinya ikibi cyose kuko ndi kumwe nawe,
Inshyimbo yawe n'inkoni yawe ni byo bimpumuriza.
Untunganiriza ameza mu maso y'abanzi banjye,
Unsīze amavuta mu mutwe,
Igikombe cyanjye kirasesekara.
Ni ukuri kugirirwa neza n'imbabazi,
bizanyomaho iminsi yose nkiriho,
Nanjye nzaba mu nzu y'Uwiteka iteka ryose."

Icyiyongeye ku kuba ari Zaburi ibwiriza, Zaburi ya makumyabiri na gatatu ni Zaburi y'umuntu uhirwa cyangwa w'umunyamugisha. Muri Zaburi zose z'umuntu uhirwa, imigisha y'umuntu uhirwa yose hari icyo ishingiraho. Muri iyi Zaburi, imwe mu migisha ya Dawidi ni ubwatsi bubisi, amazi adasuma, n'igikombe gisesekara. Icyo iyo migisha ishingiraho kigaragara mu magamba atangira iyi Zaburi, hagira hati: "*"Uwiteka ni we mwungeri wanjye."* Imigisha yose Dawidi avuga muri iyi ndirimbo ayihabwa n'Imana iyo ashoboye kuvuga ngo Umwami niwe Mwungeri we.

Ubwatsi bubisi n'ikimenyetso cy'imigisha yo mu buryo bw'umubiri. Iyo Dawidi atubwiye ko igikombe cye "gisesekara" (5), aba arimo gutanga ikimenyetso gisobanuye ibyishimo. Ni umuntu wishimye. Ni iki gituma yishima? Ni uko Umwami ari we Mwungeri wa Dawidi.

Ubwo Umwami ari we Mwungeri wa Dawidi, Dawidi abona ibyo akenera byose, ari byo ubwatsi bubisi, amazi adasuma, igikombe gisesekara, amezi y'ibikenerwa, n'ibindi. Ariko iyi migisha yose hari icyo ashingiraho. Yose ishingira ku mubano Dawidi afitanye n'Umwungeri we. Iyi Zaburi igaragaza umubano w'ingenzi cyane muri iyi si, ari wo, umubano wacu n'Imana.

Uko Umubano Ubaho

Iyo tumenye uko uwo mubano ari uw'ingenzi cyane, ubwo nibwo tugomba kubaza uko uwo mubano utangira. Igisubizo cy'ikibazo cyacu kiri mu murongo wa kabiri, ahagira hari: "Andyamisha." Umwungeri agaragariza intama ze ubutware bwe azikomesha inkoni ye ku mutwe, azibwira ati, "Ryama!" Umwami akenshi atubera Umwungeri iyo adukoma ku mutwe adukomesha ikibazo tutakwirinda cyangwa tutakwikemurira.

Gushyira Umubano Mu Bikorwa

Umwami atuyobora iyo yamaze kuba Umwungeri wacu. Ubwo intama zinywa amazi atekanye cyane nk'ikirahuri, amazi adasuma ahagararira ahantu ndetse n'imibereho itubereye. Umwungeri wacu mwiza ntabwo yatuyobora aho hantu kugeza turyamye hasi tukatura amagambo abiri, ari yo: ko Imana ari yo Mwungeri wacu maze natwe tukaba intama. Ibi bivuze ko tubyuka maze tugakurikira Umwungeri na none kandi umubano wacu ugomba guhemburwa.

Umubano Ugaragazwa

Iyo Dawidi agaragaje umubano afitanye n'Imana, aduha ubusobanuro bwiza cyane bwo muri Bibliya bw'umubano uba hagati y'Imana n'umuntu. Atubwira ko aho Umwungeri we yamujyana hose, azi ko Umwungeri we azabana nawe, azamujya imbere, azamukurikirana n'urukundo rutagira icyo rushingiraho ndetse n'ubugwaneza, akamuha ibyo akeneye, akamusukaho umugisha, kandi agasesekaza igikombe cye kuri we. Kandi azi ko uyu mubano uzakomeza kubaho iminsi yo kubaho kwe yose, n'iteka ryose!

Shyira mu bikorwa ubutumwa bwo muri Zaburi ya makumyabiri na gatatu mu buzima bwawe bwite. Wakwibuka ubwo ubwo Umwami wamugiraga Umwungeri wawe. Warishirije mu bwatsi bubisi iruhande rw'amazi adasuma, kandi igikombe cyawe kirasesekara n'imigisha. Mbese ubwatsi bwaba bwarumye cyangwa igikombe gisigaye kiromo ubusa? Mbese waba waravuye ku mazi adasuma kuko wahisemo gushumba ubugingo bwawe?

Menya ko ukeneye guhemburwa. Imerera Imana gushyiraho umubano hagati yawe nayo, kandi iwukomeze kubw'icyubahiro cy'izina ryayo. Maze ubeho uzi ko Umwungeri wawe ari kumwe nawe, akugenda imbere, agukurikiza ineza ye n'imbabazi ze, arimo kugutegurira ameza, arimo guha umugisha ubugingo bwawe n'amavuta ye, kandi arimo gusesekaza icyo gikombe cyawe n'ibyishimo muri wowe.

Baho zui neza ko ashoboye gukora ibi byose igihe uzabaho cyose, kandi utegereze ubuzima buzira iherezo ufite amashyushu menshi cyane, uzi ko ibi byose yabikora iteka ryose.

Zaburi Ya Mbere
Umuntu Uhirwa

Zaburi ya Mbere niyo Zaburi isobanura neza umuntu uhiriwe. Zaburi zindi zose zivuga umuntu uhirwa zikurikiza Zaburi ya mbere, kandi zitwereka ko umuntu uhirwa n'imigisha ye bidaterwa n'amahirwe cyangwa impanuka, ariko biterwa n'ibyo yemera n'amahitamo ye. Zaburi ya mbere ivuga ngo:

"Hahirwa umuntu udakurikiza imigambi y'ababi,

Ntahagarare mu nzira y'abanyabyaha,
Ntiyicarane n'abakobanyi.
Ahubwo amategeko y'Uwiteka ni yo yishimira,
Kandi amategeko ye ni yo yibwira ku manywa na nijoro.
Uwo azahwana n'igiti cyatewe hafi y'umugezi,
Cyera imbuto zacyo igihe cyacyo.
Ibibabi byacyo ntibyuma,
Icyo azakora cyose kizamubera cyiza.
Ababi ntibamera batyo,
Ahubwo bahwana n'umurama utumurwa n'umuyaga.
Ni cyo gituma ababi bazatsindwa ku munsi w'amateka,
N'abanyabyaha bazatsindirwa mu iteraniro ry'abakiranutsi.
Kuko Uwiteka azi inzira y'abakiranutsi,
Ariko inzira y'ababi izarimbuka."

Umuntu uhirwa ni nde?

Zaburi ya Mbere itugaragariza abantu babiri. Umuntu uhirwa n'umuntu utubaha Imana. Iyi Zaburi ivuga ikoresha imvugo ya Giheburayo y'imivugo ivuga ukuri akoresheje imvugo itari nziza. Dawidi adusobanurira umuntu uhirwa uwo ari we atubwira uwo atari we. Urugero, "*Ntakurikiza imigambi y'ababi" (1),* bivuze ko akurikiza imigambi y'Imana. Imigambi y'Imana ayikura mu ijambo ry'Imana, kandi niryo *"Yibwira amanywa n'ijoro."* (2)

Ikindi ni uko umuntu uhirwa "Ntiyicarana n'abakobanyi." (1) Iyi mvugo ivuga ikibi itubwira ko umuntu uhirwa yicarana n'abizera cyangwa yicara mu ntebe y'abizera. Arizera. Yizera Ijambo ry'Imana, kandi *"Yishimira amategeko y'Uwiteka." (2)* Arabizi ko igituma Ijambo ry'Imana rigira imbaraga nyinshi mu bugingo bwe ari uko aryubaha cyangwa aryumvira. Akurikiza imigambi y'Imana abona mu ijambo ry'Imana.

Ino Zaburi yanditswe na Dawidi, wabaye umwami wa kabiri wa Isirayeli, akaba n'umwami mwiza cyane Isirayeli yagize mu gihe cyayo cyose. Dushingiye ku mategeko ya Mose, byari inshingano y'umwami yo kumenya amategeko akayagira inshuti ihoraho. Handitse ngo, *"Icyo gitabo azakibane ajye agisomamo iminsi yose akiriho, kugira ngo yige kubaha Uwiteka Imana ye, no kwitondera amagambo yose y'ibi byategetswe n'aya mategeko, no kuyumvira*." (Gutegeka kwa Kabiri 17:19) Dushingiye kuri Zaburi ya Mbere twasomye muri iki gitabo cy'indirimbo, twatekereza ko uyu mwitozo

waba ari wo watumye Dawidi akunda Ijambo ry'Imana, kandi uku gukunda Ijambo ry'Imana ni byo byatumye aba umuntu uhirwa cyangwa umunyamugisha.

Imigisha y'umuntu uhirwa ni iyihe? Nyuma yo gusobanura kwizera n'amahitamo bituma umuntu uhirwa ahirwa cyangwa abona umugisha, Dawidi avuga imigisha ye, agira ati:

Gutekana

Umuntu uhirwa "*Ahwana n'igiti cyatewe hafi y'umugezi,(3)* aho ubutaka buba butoshye kandi imizi aba ari minini ndetse miremire. Imizi yaguka igana mu byerekezo yose. Ibimodoka byinshi binini biramutse bigonze icyo giti, nibyo byangirika, igiti ntabwo cyakurwa aho kiri. Bene uku gutekana no gukomera, gukomera kw'igiti cyatewe neza kandi kibayeho neza, ni ko gusobanura cyangwa guhagararira gukomera no gutekana k'umuntu uhirwa. Yesu nawe niko yavuze ubwo yavugaga umuntu wumva kandi agashyira mu bikorwa ibyo yigishije. (Matayo 7:24,25)

Kwera Imbuto

Umuntu uhirwa cyangwa umunyamugisha yera imbuto. Igiti gisobanura ubuzima bwe cyera imbuto mu gihe cyacyo (3) Bivuze ko mu bihe by'ubuzima bwe byose yera imbuto y'icyo gihe arimo. Kuko yizera Imana kandi akunda Ijambo ry'Imana, kumenya Imana kwe kurenga kumenya ibyanditswe byera gusa ahubwo agirana umubano n'Ijambo rizima. Uyu mubano niwo shingiro ry'ibanze ryo kwera imbuto kwe. Yesu yatubwiye ko tugomba kuguma muri we nkuko ishami riguma mu muzabibu, niba dushaka kwera imbuto.

Kuramba

Umuntu uhirwa ntabwo aba umusaza cyangwa umukecuru ugira umunabi n'uburakari mu gihe cye cy'busaza cyangwa cy'ubukecuru. Handitse ko, "Amababi ye atajya Yuma." Atwibutsa amagambo y'umusizi wanditse ati: "Dusazane. Ibyiza biri imbere. Ibyanyuma, byaremewe itangiriro." Umunsi wose abayeho umutegurira buri munsi wundi abaho. Ubuzima bwe burushaho kuba bwiza uko agenda yongerwa imyaka yo kubaho.

Iterambere

Na none dusoma ko icyo akora cyose, (umuntu uhirwa) kimubera cyiza." (3) Hano ntabwo Dawidi yavugaga iterambere mu bintu bifatika ahubwo yavugaga iterambere ryo mu mwuka. Kuko ibitabo by'ibisigo byibanda ku muntu w'imbere kuruta uko byita ku muntu wo hanze. Dutekereza ko iterambere ry'umuntu uhirwa ari iterambere ry'imbere kandi rigena n'ubuzima bwe bw'iteka ryose. Ikintu cyose tuzasiga nituva muri iyi si ntabwo dukwiriye kubeshwaho no kukirukanka inyuma tugishaka tukiri muri iyi si.

Umutekano

Umugisha wa nyuma mu migisha y'umuntu uhirwa nawo uvugwa hakoreshejwe amagambo atari meza. Handitse ngo, "*Ni cyo gituma ababi bazatsindwa ku munsi w'amateka, N'abanyabyaha bazatsindirwa mu iteraniro ry'abakiranutsi."(5)* Umuntu uhirwa cyangwa umunyamugisha agira umutekano muri ubu buzima ndetse n'ubuzakurikiraho kuko agendera mu migambi y'Imana akura mu ijambo ry'Imana. Azakiranurwa n'umurimo warangijwe na Kristo ku munsi w'urubanza kandi azabaa mu iteraniro ry'abakiranutsi iteka ryose. Kimwe nk'imigisha yanditse muri Zaburi y'Umushumba, imigisha y'uhirwa yo muri Zauri ya mbere ni "iy'iteka ryose ndetse ubuzira herezo!"

Abantu Babiri Bicaye Ku Ntebe, Mbese Wowe Uri Nde Muri Bo?

Dawidi asobanura umukiranutsi cyangwa umuntu wubaha Imana yandika ati, *"Ababi ntibamera batyo."* (4) Ababi cyangwa abatubaha Imana ntabwo bizera Imana nk'uko abayubaha bayizera. Abatubaha Imana ntabwo bishimira Ijambo ry'Imana, ndetse nta nubwo baritekerezaho amanywa n'ijoro. Bitewe n'ibyo nta gukomera cyangwa gutekana bagira, nta burumbuke bagira, ntibaramba, nta terambere bagira, nta muteka bagira, kandi ntibazabona ubuzima buzira iherezo nk'uko umuntu uhirwa azabubona.

Ni iki gituma umuntu uhirwa ari umunyamugisha? Abiterwa n'amahitamo ye. Ahitami kwizera no kwibwira Ijambo ry'Imana, kandi ahitamo kwikura mu babi cyangwa abatubaha

Imana no mu nzira zabo zitera imbuto. Imigisha ni ingaruka zo guhitamo kwe.

Ikibazo kibazwa na zaburi y'umuntu uhirwa ni iki: "Hari abantu babiri bicaye ku ntebe, uri uwuhe muri bo?" Ubihawe n'ubuntu bw'Imana, mbese waba uri uhirwa? Mbese wicara mu ntebe y'uwizera cyangwa umukiranutsi? Mbese wizera Ijambo ry'Imana? Mbese uryibwira amanywa n'ijoro? Mbese uyoborwa n'inama rikugira? Dushingiye kuri Zaburi ya Mbere, iri ni ryo shingiro ry'imigisha y'umuntu uhirwa.

Zaburi y'Ijana na Makumyabiri n'Umunani
Hahirwa Umuntu Wese?

"Hahirwa uwubaha Uwiteka wese, akagenda mu nzira ze.
Kuko uzatungwa n'imirimo y'amaboko yawe,
Uzajya wishima, uzahirwa.
Umugore wawe azaba nk'umuzabibu wera cyane mu kirambi cy'inzu yawe,
Abana bawe bazaba nk'uduti twa elayo, bagose ameza yawe.
Uko ni ko umuntu wubaha Uwiteka azahirwa.
Uwiteka azaguha umugisha uva i Siyoni,
Nawe uzabona ibyiza biza kuri Yerusalemu, iminsi yose ukiriho.
Ni koko uzabona abuzukuru bawe.
Amahoro abe mu Bisirayeli!"

Mbese Hahirwa Buri Wese?

Abantu benshi bakunda kuvuga ko umurongo wa mbere uvuga ko hahirwa buri muntu wese kuko bizera ko abantu bose bahirwa cyangwa bahawe umugisha. Nyamara ibyanditswe bitugaragariza ko imigisha y'umunyamugisha cyangwa umuntu uhirwa hari icyo ishingiraho, ari cyo: "*Hahirwa uwubaha Uwiteka wese, akagenda mu nzira ze." (1)* Nk'uko twarimo kuvuga, umuntu uhirwa ahirwa abitewe no kwizera kwe ndetse n'amahitamo ye.

Ino zaburi itwigisha ko buri muntu wubaha Uwiteka ahirwa, ariko kandi bituma twibaza ikindi kibazo kigira kiti: Mbese igitabo cya Yobu ntikigisha ko Imana idaha umugisha abeza igihe cyose? Igihe inshuti za Yobu zamubwiraga ko Imana ihana abakora ibyaha kandi igaha umugisha abadakora ibyaha, Imana yababwiye ko ibyo bavuze atari ukuri. Icyakora,

twakwigira kuri zaburi y'umuntu uhirwa ko umuntu uhirwa akenshi asarura imbuto z'ibyo yabibye, kandi iyo abubaha Imana nka Yobu bababajwe, usanga ari umwihariko, ntabwo ari ihame.

Umugambi w'Imana

Zaburi 128 yigisha ko umuntu uhirwa n'imigisha ye ihamanya n'umugambi w'Imana wo guhindura isi. Nk'uko twabibonye mu gitabo cya Yobu, ikibazo tugomba kubaza Umwami nyuma yo guhabwa umugisha ntabwo ari "Mwami, urampa iki cyangwa uramarira iki?" ahubwo ni "Mwami, mbese kuba ndi umunyamugisha ni iki byakumarira?"

Umugambi w'Imana ugira uko usohora. Imana ishaka umuntu wayizera ndetse akayumvira, make igahitamo kumuha umugisha (1-2). Hanyuma umugisha w'Imana ukanyura mu mugabo ukagera mu mugore we, maze umugore we akamera nk'umuzabibu wera imbuto mu rugo rw'uwo mugabo (3). Maze umugisha ukanyura mu mugabo n'umugore we ukagera mu bana babo, dusoma ko "*Abana bawe bazaba nk'uduti twa elayo, bagose ameza yawe*." Agati ka Elayo ni ishusho yo kera imbuto cyangwa uburumbuke.

Umugisha w'Imana unyura mu muryango ugaha umugisha Siyoni, Siyoni bwari ubwoko bw'Imana bwo mu Isezerano rya Kera. Binyuze mu bwoko bw'Imana (Siyoni), umugisha w'Imana kuri uwo muryango ugahindura umurwa (Yerusalemu), ishyanga ry'Imana (Isirayeli), ndetse n'isi yose. Ino Zaburi yigisha ko Imana ikoresha umuryango kubwira isi Imana. Iyo ishaka guhindura umurwa, igihugu, ndetse n'isi, ihera ku mugabo uhirwa n'umuryango uhirwa.

Zaburi y'Ijana na Makumyabiri na Karindwi
Iby'Ibanze Byagenwe

"Uwiteka iyo atari we wubaka inzu,
Abayubaka baba baruhira ubusa.
Uwiteka iyo atari we urinda umudugudu,
Umurinzi abera maso ubusa.
Bibaruhiriza ubusa kuzinduka kare,
Mugatinda cyane kuruhuka,
Mukarya umutsima w'umuruho.

Ni ko aha uwo akunda ibitotsi.
Dore abana ni umwandu uturuka ku Uwiteka,
Imbuto z'inda ni zo ngororano atanga.
Nk'uko imyambi yo mu ntoki z'intwari iri,
Ni ko abana bo mu busore bamera.
Hahirwa ufite ikirimba kibuzuye,
Abameze batyo ntibazakorwa n'isoni,
Uko bazavuganira n'abanzi babo mu marembo."

Iyi Zaburi ngufi, igomba gufatwa nkimwe nka Zaburi 128, niyo Zaburi yonyine yanditswe na Salomo. Ubwo yari umwubatsi ukomeye, tuzi ko ari ngombwa ko akoresha urugero rw'ubwubatsi muri iyi Zaburi. Yubatse ingoro yamwitiriwe; yubatse imirwa, yubatse n'amato menshi, n'ibindi bintu byinshi. Nyamara Salomo atubwira ko bishoboka ko umuntu yakubaka akaruhira ubusa. Handitse ngo, "*Uwiteka iyo atari we wubaka inzu, abayubaka baba baruhira ubusa."* (1) Atubwira ko bishoboka ko umuntu yakwiheba, yakora kandi akubaka ariko akaruhira ubusa, kuko bishoboka ko umuntu yiheba, agakora kandi akubaka ibidakwiriye.

Iyi Zaburi imeze nk'amagambo y'ubwenge ya Salomo ya nyuma yo mu Ubwirizabutumwa, aho abwiriza akavuga ko ibyinshi mu byo yakoze mu buzima bwe byabaye imfa busa. Iyo avuye ku rugero rwo kubaka agakoresha urugero rwiza rw'abana, aba abwira ababyeyi ko ikintu cy'ingenzi cyane bakora ari ukubaka ubuzima bw'abana babo. Ubanza Salomo arimo kutubwira ko yicuza kuko yagombye kuba yaramaze iihe cye cyose yubaka ubuzima bw'abana be aho kubaka ibindi byose yubatse.

Salomo aratubwira ngo, "*Nk'uko imyambi yo mu ntoki z'intwari iri, Ni ko abana bo mu busore bamera." (4)* Imyambi muri uru rugero ni abana bawe maze wowe ukaba umuheto. Imbaraga ndetse n'icyerekezo umwana ajyana muri iyi si bigenwa n'umuheto umurasa umwohereza mu isi. Uwo muheto ni urugo rwawe.

Ubutumwa bukuru bw'iyi zaburi buri mu ijambo ribanza, rigira riti: "*Uwiteka iyo atari we wubaka inzu, abayubaka baba baruhira ubusa."* Hari ibintu byinshi byakorwa n'Imana gusa. Imana yonyine niyo yarema ubuzima mu bana bawe. Imana yonyine niyo yabaha impano yo kwizera. Icyakora, ntabwo

Imana yakubaka ubuzima bw'abana bawe cyeretse umwemereye kugira ngo abikore. Uku kuri kwashyizwe mu rugero rwiza cyane. Salomo aratubwira ati, "Iha abo ikunda bo mu mukumbi wayo." Imana ntabwo yaduha imbaraga nshya turi maso. Ariko iyo dusinziriye, nta kintu turimo gukora, Imana nibwo itangira gukora maze igashyira ubuzima bushya mu mibiri yacu. Urwo rugero uzarukoreshe mu nshingano y'ububyeyi.

Mbese Ibi Bisobanuye Iki?

Birashoboka ko umuntu yahangayika, yakora cyane, kandi akubaka ariko akaruhira ubusa kuko ibyo tuba tugamije biba atari byiza. Iyi zaburi iradushishikariza gushora ubuzima bwacu mu bana bacu kuko Imana ihindura isi ibinyujije mu muryango. Tugomba kwiyemeza kubikora kuko Satani azi ko Imana ikoresha umuryango kugira ngo ihindure isi. Icyorezo cy'isenyuka ry'inshako n'imiryango uyu munsi gihamiriza ukuri ko Satani agamije gusenya uyu murimo mwiza w'Imana aca imigwegwe y'imiheto yacu.

Mbese buri muntu wese ahabwa umugisha, cyangwa arahirwa? Ntabwo ari byo dushingiye kubyo tumaze kwiga muri zaburi z'umuntu uhirwa. Umugore cyangwa umugabo wizera Imana kandi uyumvira niwe uhirwa, kandi imigisha ye ihindura iyi si inyuze mu bana be. Mbese waba uri uwo mugabo cyangwa umugore? Itegereze ibyo umuntu uhirwa akora ndetse n'imigisha ye maze usubize iki kibazo, kigira kiti: "Abantu babiri bicaye ku ntebe, uri uwuhe muri bo?"

Zaburi Ya Kane
Ibisubizo Cyangwa Umuti W'umuruho Ukabije

Nyuma yo kuganira kuri zaburi nyinshi z'umuntu uhirwa, ubu twiteguye kandi tugiye kuganira ku kintu nita zaburi z'amarangamutima. Izi zaburi akenshi usanga ari zaburi z'amasengesho, aho umwanditsi aba abwira Imana ibyerekeye umuntu- kenshi usanga ari we. Imwe muri izi zaburi ni Zaburi ya Kane. Igira iti:

"Mana gukiranuka kwanjye guturukaho, unsubize uko ngutakiye. Warambohoye ubwo nari mfite umubabaro, Mbabarira, wumve gusenga kwanjye.

Bana b'abantu, Muzageza he guhindura icyubahiro cyanjye igisuzuguriro?
Muzageza he gukunda ibitagira umumaro no gukurikiza ibinyoma? Sela.
Ariko mumenye yuko Uwiteka yirobanuriye umukunzi we,
Uwiteka azanyumva uko mutakiye.
Mugire impuhwe zo gukora icyaha,
Muri ku mariri yanyu mwibwirire mu mitima mucecetse. Sela.
Mutambe ibitambo mukiranutse,
Kandi mwiringire Uwiteka.
Hariho benshi babaza bati
"Ni nde uzatwereka ibitunezeza?
Uwiteka utuvushirize umucyo wo mu maso hawe."
Ushyire ibyishimo mu mutima wanjye,
Biruta ibyo ku burumbuke bw'amasaka na vino.
Nzajya ndyama nsinzire niziguye, Kuko ari wowe wenyine Uwiteka umpa kuba amahoro."

Ese twabigenza dute iyo twagize umunaniro ukabije? Ikirere cy'amarangamutima y'umwanditsi wa Zaburi 4 ni akababaro. Iyo ukuye inyuguti eshatu za mbere ku ijambo ry'Icyongereza distress, ubona ko umwanditsi w'iyi zaburi ariko kuvuga ikibazo cya 'stress' cyangwa umunaniro ukabije. Iyi inaniwe cyane tubayemo uyu munsi yamaze kwitwa "Igihe Cyo Guhangayika." Iyi zaburi itwereka uko twabaho mu miruho duhura nayo buri munsi.

Gusenga

Muri Zaburi 4, Dawidi yahanganye n'igitutu yotswaga mu marangamutima we asenga. Yarasenze ati: "*Mana gukiranuka kwanjye guturukaho, unsubize uko ngutakiye."* (1) Gusenga ni ukuganira n'Imana. Kuganira bigira ibyiciro bibiri- kuvuga no gutega amatwi. Imana irashaka ko uyibwira, ariko kandi nayo irashaka kukubwira. Muri zaburi nyinshi zo gusenga, tubanza kubona umwanditsi wa zaburi abwira Imana, maze nyuma tukumva igisubizo cy'Imana. Umwanditsi wa zaburi yinginga Imana hanyuma agahabwa igihamya ko Imana yumvise gusenga kwe kuko isubiza amasengesho ye.

Dawidi yatangiye isengesho rye abwira Imana inkomoko y'akababaro ke (2) Imana yasubije Dawidi imuha iyerekwa, rigira riti: "*Ariko mumenye yuko Uwiteka yirobanuriye umukunzi we, Uwiteka azanyumva uko mutakiye. Mugire*

impuhwe zo gukora icyaha." Iyo Imana isubije amasengesho yacu ntitugomba kuguma uko twari tumeze. Tekereza icyo isengesho risubijwe ari cyo. Rivuze ko Imana yaremye isi n'ijuru itwishimiye, itwumva kandi idusibiza iyo tugiranye ikiganiro nayo. Iyo isengesho ryacu risubijwe, ubuzima bwacu bugomba guhinduka. Ntibugomba kuguma uko bwari bumeze.

Suzuma Umutima Wawe

Imana ivunaga na Dawidi, hari icyo yamubwiye gukora. Yaramubwiye iti, "*Muri ku mariri yanyu mwibwirire mu mitima mucecetse."* (4) Imana ibwiye Dawidi ngo aceceke, yarimo kumubwira ngo nayitege amatwi. Hari ukuntu byumvikana ko Imana ibwira Dawidi "gutekereza mu mutima we ari kuburiri bwe," yarimo kumubwira kwibwira. Yashakaga ko Dawidi asuzuma umutima we, cyangwa yiganirize.

Kora Ibikwiriye

Dawidi arimo gusuzuma umutima we, Imana yamweretse uko yagenza umunaniro we. Imana yatumye Dawidi amenya ko agomba, "Gutamba ibitambo by'ubukiranutsi, kandi akiringira Imana." (5) Kuki yagombaga kubikora? Kuko hari benshi bamurebaga kandi bamubaza bati, "*Ni nde uzatwereka ibitunezeza?"* (6) Hari abantu barimo kureba Dawidi. Barimo kumenya Imana binyuze mu rugero rwa Dawidi.

Twakeka ko Dawidi yagombaga gufata icyemezo kirimo guhitamo. Yajyaga kuba yahitamo ikimworoheye maze akiberaho. Cyangwa agakora igikwiriye. Iyo akora igikwiriye, yari abizi ko atajyaga gukira ikibazo yari afite. Kuko yari umugabo w'inyangamugayo, ntabwo yashoboraga kubaho acirwa urubanza muri we ko yakoze ikimworoheye kugira ngo abeho. Aganiriye n'Imana, yafashe umwanzuro wo gukora igishoboka cyose cyangwa gutanga ibishoboka byose kugira ngo akore igikwiriye. Yari abizi ko abantu bashaka ikintu cyiza, agaciro, bashaka umuntu ukora igikwiriye n'ubwo byamusabaga ubwitange bukomeye cyane.

Dawidi afashe umwanzuro ko agiye gutamba igitambo cyo gukiranuka yagize impinduka mu marangamutima ye. Yaravuze ati, "*Ushyire ibyishimo mu mutima wanjye, …Nzajya ndyama nsinzire niziguye, Kuko ari wowe wenyine Uwiteka umpa kuba amahoro."*(7,8)

Nubona ikirere cy'amarangamutima yawe mu kababaro ka Dawidi, tekereza mu mutima wawe, maze ugirane ikiganiro n'Imana. Guhangayika kwawe nusanga guterwa n'urugamba rwo mu mwuka ruri hagati yo gukora ikikoroheye kugira ngo ubeho no gukora igikwiriye, ufate umwanzuro mu mutima wawe wo gutamba ibitambo byo gukiranuka, no kwiringira Imana. Suzuma urebe niba igisubizo cya Dawidi cy'umuruho nawe cyahindura amarangamutima yawe, ugakira igitutu cy'imyitwarire, kubura amahoro, n'ubwoba, ukagira ikindi kirere cy'amarangamutima giterwa no kwizera, amahoro, n'ibitotsi byiza by'ijoro.

Zaburi y'Ijana na Mirongo Itatu n'Icyenda
Umujyana Ukomeye

"Mana, ndondora umenye umutima wanjye, Mvugutira umenye ibyo ntekereza. Urebe yuko hariho inzira y'ibibi indimo, Unshorerere mu nzira y'iteka ryose." (Zaburi 139:23,24)

Urundi rugero rwa zaburi y'isengesho, aho umwanditsi wa zaburi ahumekewe n'Uwmuak w'Imana avugana n'Imana, ni isengesho rikomeye rya Dawidi ryo muri Zaburi 139. Muri iyi zaburi tubona ko Imana ari umujyanama ukomeye wa Dawidi. Ubwo Imana yabwiraga Sawuli imutumyeho Samweli ko yabonye umusimbura mwiza cyane w'umwami wa mbere wa Isirayeli, Imana yavuze ko Dawidi ari umugabo ufite umutima nk'uwayo, wakoraga ubushake bw'Imana bwose. Kuko Dawidi yishimiraga kugendera mu bushake bw'Imana ku bugingo bwe, yasenze iri sengesho ryiza, asenga Imana. Ubusobanuro bw'iri sengesho tubusanga mu mirongo ibiri ya nyuma. Turamutse dushyize iyi zaburi yose mu bika bitandukanye byatwereka Imana Dawidi yerekezaho iri sengesho iyo ari yo. Dawidi asenga iri sengesho, hari ibigirwamana byinshi byasengwaga cyangwa byerekezwagaho amasengesho. Mu gikacya mbere (1-5) Dawidi atubwira ko asenga Imana imuzi. Imana izi Dawidi cyane. Dawidi yarasenze ati, *"Uwiteka, warandondoye uramenya."* Wavuga ko hari umunyacyubahiro cyangwa umuntu ukomeye uzi, yenda na Naykubahwa Perezida w'igihugu. Ariko se ntibyaba byiza kurushaho uwo munyacyubahiro abivuze mu ruhame ko akuzi?

Dawidi ashimishwa n'ubwiza bwo kuba Imana yaremye ijuru n'isi umuzi!

Iyo ugishije umuntu inama, gusobanukirwa ikibazo ufite biterwa n'ibyo umwibwiyeho uko bingana. Utitaye ku bumenyi yaba afite bwose, ubushobozi bwe bwo kugufasha buterwa n'ibyo umubwiye ku mateka yawe ndetse n'imibereho yawe y'icyo gihe. Ariko Imana ikuzi wese. Izi ibyo utekereza na mbere yuko ubitekereza, kandi "Izi inzira zawe zose." (3)

Igika cya kabiri (6-12), kitwereka ko Dawidi yerekeza amasengesho ye ku Mana nzima kandi nyakuri, atashobora kwihisha. Dawidi arasenga ati, "*Ndahungira Umwuka wawe he?* Cyangwa ni hehe naguhungira?" Mbese byagusaba kwirukanka ute kugira ngo uhunge Imana? Byagusaba kujya kure hangana iki? Byagusaba kurira hejuru hangana iki ndetse kumanuka ikuzimu hangana iki kugira ngo utoroke, wihishe, wirinde cyangwa wirengagize Imana? Dawidi yerekeza isengesho rye ku Mana ibera hose icya rimwe, Imana atakwihisha.

Igika cya gatatu (13-16) kigaragaza ko Dawidi arimo gusenga Imana yamuremye. Dawidi yabwiye Imana ati, *"Kuko ari wowe waremye ingingo zanjye, Wanteranirije mu nda ya mama. Nkiri urusoro amaso yawe yarandebaga, Mu gitabo cyawe handitswemo iminsi yanjye yose, Yategetswe itarabaho n'umwe."* (13,16) Mbere yuko tubaho, Imana yari yarateguye iminsi yo kubaho kwacu mu gitabo. Tekereza iyo ukoze gahunda y'iminsi, y'ibyumweru n'amezi ku ngenga bihe yawe y'umwaka. Ibi na none bivuze ko ari nta muntu wabayeho ari impanuka. Twese tubayeho kuko byagenwe n'Imana. Jya utekereza ibi igiheurimo gutekereza gukuramo inda.

Igika cya kane (17,18), cyerekana ko Dawidi ariko gusenga Imana imutekerezaho. Tubimenyera kuri Dawidi ko ibyo Imana idutekerezo ari byiza kandi ntibigira ingano (17) Kimwe mu bikorwa byiza cyane by'ubusabane ni ukubwira umukunzi wawe ko umutekerezaho buri gihe. Imana idutekerezaho kuruta uko twitekerezaho.

Icya nyuma, Dawidi yerekeza isengesho rye ku Mana imurinda. (19-22) Ni muri ubu buryo asaba Imana ko yica abanzi be. Asenga isengesho ryo kurindwa ashize amanga cyane ko Imana iribumufashe kwica abanzi be.

Nyuma yo kugaragaza ibiranga Imana asenga, Dawidi asenga ubusobanuro bukuru bw'isengesho rye iyo asabye Imana, ati,

"Mana, ndondora umenye umutima wanjye, Mvugutira umenye ibyo ntekereza. Urebe yuko hariho inzira y'ibibi indimo." (23, 24) Ibi abisaba Imana atakwihisha, Imana imuzi, yamuremye, imutekerezaho, kandi izamurinda.

Iyi niyo dusenga cyangwa twerekeraho amasengesho yacu. Iyo utazi neza iby'umutima wawe ugambirira, ariko ukaba ushaka kugendera mu nzira y'iteka ryose y'ubushake bw'Imana ku buzima bwawe, ujye wikubita imbere y'intebe y'ubwami y'Umujyanama Ukomeye Dawidi yerekezaho amasengesho ye. Umusabe kugira ngo akureho igikingirije ibitekerezo byawe maze akwereke ibitekerezo bitagomba kukubamo kuko ushaka kugendera mu nzira y'iteka ryose y'ubushake bwe bwiza bw'ubuzima bwawe.

Zaburi y'Ijana

"Mwa bari mu isi yose mwe,
Muvugirize Uwiteka impundu,
Mukorere Uwiteka munezerewe,
Muze mu maso ye muririmba.
Mumenye yuko Uwiteka ari we Mana,
Ni we waturemye natwe turi abe,
Turi ubwoko bwe,
Turi intama zo mu cyanya cye.
Mwinjire mu marembo ye mushima,
No mu bikari bye muhimbaza,
Mumushime, musingize izina rye.
Kuko Uwiteka ari mwiza,
Imbabazi ze zihoraho iteka ryose,
Umurava we uhoraho ibihe byose."

Zaburi 100 niyo zaburi yo kuramya nyako. Itubwira kuramya icyo ari cyo. Kuramya ni ukujya mu kubaho kw'Imana. Kubaho kw'Imana kubaho, kandi kuza muri uko kubaho kw'Imana ni ko kuramya. Muri iyi zaburi ya Dawidi, ntabwo adusobanurira kuramya gusa, ariko akoresheje urugero, anatwereka uko tugomba kuramya.

Mu bihe byo mu Isezerano rya Kera, hari uburyo bwakurikizwaga iyo umuntu yashakaga kubonana n'umwami. Ikintu cya mbere bakoraga ni uko binjiraga mu marembo y'ubwami bw'umwami. Iyo umwami yabaga ari umwami ukomeye, uwo mushyitsi yarakomezaga akanyura muri

koridori nyinshi ndende, zose zihagazemo abasirikare ku mpande zombie, mbere yuko yinjira mu miryango ibiri minini cyane yamugezaga aho umwami ari.

Kuko yari umwami, Dawidi yari asobanukiwe gahunda yo kwakira abashyitsi ibwami. Yahisemo ubwo buryo nk'urugero rwo kugaragaza icyo yita kuramya n'uburyo bwo kuramya. Dushingiye kubyavuzwe na Dawidi, kuramya ni ukujya imbere y'Imana.

Kwinjira mu kubaho kw'Imana bigomba kubanzirizwa no "gukingura amarembo yo gushima." (4) Tugomba kujya dutangira amateraniro yacu yo kuramya dushimira Imana imigisha yaduhaye yose. Gushimiraa niko kubyara kuramya. Umutima ushima niwo "rembo" rituganisha mu kubaho kw'Imana.

Dawidi atanga urugero iyo yanditse ko amarembo yo gushima ari yo atwinjiza mu bikari byo gushima (4). Iyo dutangiye igikorwa cyo kuramya dushimira, tujya kwisanga tukisanga twatangiye kuramya Imana. Tuva ku gushimira Imana imigisha myinshi yaduhaye tukagera ku kubwira Imana imana no kuyihimbariza icyo iri cyo. Iyo tunyura mu "Marembo yo Gushimira," dutumbira ukuboko kw'Imana kuduha byinshi. Ariko iyo twnjira mu marembo yo guhimbaza intumbero yacu iba ku maso h'Imana.

Hashize imyaka myinshi cyane, abantu bakomeye bakera batubwira ko umuryango utuganisha mu kubaho kw'Imana ari umuryango wo gushimira. Mu rugero rwa Dawidi rwiza cyane, umuryango utuganisha mu kubaho kw'Imana ni ukuririmba. Dawidi arandika ati, "*Muze mu maso ye muririmba."* (2) Dawidi niwe wahuje umuziki no kuramya. Yagiraga Abalewi ibihumbi bine batagiraga ikindi bakora uretse guhimbaza Imana bacurangisha ibicurangisho Dawidi ubwe yakoze kugira ngo bikore uwo murimo. (1 Ingoma 23:5)

Hari ibihe tugeramo muri ubu buzima aho tuba twumva dushaka kuvuga cyangwa kugaragaza ubwiru. Ni cyo gituma abakundanye bitana amazina nyuma yaho anabasebya. Baba bagerageza kubwirana no kugaragarizanya ibihishwe. Icyo cyifuzo kiba kigari cyane iyo tugeze mu kubaho kw'Imana. Imana yaduhaye igitangaza cy'umuziki kugira ngo tugaragaze kuramya k'ubwiru turi mu kubaho kwayo. Dushingiye kuri

Dawidi, umuziki niwo ukingura irembo riganisha mu kubaho kw'Imana.

Iyo tuje mu kubaho kw'Imana, nibwo tumenya neza ibintu ubusanzwe twumvaga gusa cyangwa twabwiwe. Icya mbere, tumenya neza ko ari Imana. Iyo turamije, tumenya ko Uwiteka ari Imana kandi ko twebwe turi intama zo mu Cyanya Cye gusa." (3) Iki cyaba ari cyo Intumwa Pawulo yashatse kuvuga ubwo yandikaga ati, *"Ni cyo gituma mbamenyesha yuko ari nta muntu ubwirijwe n'Umwuka w'Imana uvuga ati "Yesu ni ikivume", kandi nta muntu ubasha kuvuga ati "Yesu ni Umwami", atabibwirijwe n'Umwuka Wera."*

Hanyuma tukamenya ko "Umwami ari mwiza." Dukunda kwanga kwiyemeza gukurikira Imana burundu kuko, aho kwatura tuti, "Umwami ni mwiza," tuvugisha ibikorwa byacu tuti, "Umwami ni mubi cyane." Iyi zaburi ivuga ko mu kubaho kw'Imana ntabwo tuhamenyera gusa ko Umwami ari Imana, ahubwo tunahamenyera ko "Umwami ari mwiza." (5) Ubushake bw'Imana ku buzima bwacu ni bwiza, kuko, we ubwe ar mwiza.

Mu kubaho kw'Imana, kandi niho tumenyera ko Ishaka ko abantu bo mu bihe byose mu isi yose baza mu kubaho kwayo bakamenya ibyo twamenye. Umurongo wa mbere w'iyi zaburi usozwa n'amagambo agira ati, " isi yose." Umurongo wa nyuma usozwa n'amagambo, ari yo, "ibihe byose." (5) Abaramiriza mu kubaho kw'Imana bazi ko Imana yifuza ko abantu bayimenya. Bibiliya ndetse n'amateka y'itorero byuzuye inkuru z'abantu bagize ibihe byiza cyane baje mu kubaho kw'Imana byatumye bera imbuto nyuma yo gutumwa n'Imana.

Iki gikorwa cyo gukorera Imana giterwa no kuramya cyanditse mu nteruro ya kabiri y'iyi zaburi, aho dushishikarizwa "Gukorera Uwiteka tunezerewe." Iyo turamije Imana by'ukuri, tuyikorera tunezerewe, bidatewe n'uko ari inshingano yacu kuyikorera. Muri iyi zaburi yo kuramya, twamenye kuramya icyo ari cyo, uko tugomba kuramya, ikigomba kutubaho iyo turamije, ndetse n'ingaruka z'igikorwa cyo kuramya.

Zaburi Ya Mirongo Itatu Na Kane

Umuti wo kunanirwa

Zaburi ya 34 ni imwe muri zaburi z'amarangamutima cyangwa z'amasengesho n'ubwo ari na zaburi yo kuramya no kubwiriza. Amagambo atangira Zaburi 34 hari amateka y'iyi zaburi aguha. Iyi zaburi igaragaza igihe kibi cyane cyo mu buzima bwa Dawidi ubwo Dawidi yahungaga Sawuli akaba umusuhuke. Icyo gihe kibi cyo mu buzima bwa Dawidi kivugwa muri 1 Samweli 21 na 22. Igihe Dawidi yahungaga Sawuli maze akaba umwanzi wa mbere w'igihugu, kugira ngo akize ubugingo bwe, Dawidi yigiriye inama yo kwifatanya n'ingabo z'umwami w'Abafilisitiya. Binaniranye, Dawidi yarahunze atangira kujya yihisha mu byobo no mu buvumo no mu ishyamba. Hanyuma tugasoma ko Dawidi yaje gusangwa mu butayu n'abantu bari bababaye, abanyamyenda, n'abari batanyuzwe. (1 Samweli 22:2) Iyo wabaga urimo imyenda muri ibyo bihe bya kera, byabaga bivuze ko ugomba gufungwa, nk'uko bigaragazwa mu mugani wa Yesu mu gice cya cumi n'umunani cy'Ubutumwa bwiza bwanditswe na Matayo. Biratangaje kuba ubu ari bwo bwari ubwa mbere Dawidi ahuye n'abagabo nyuma baribwitwe ko ari "Intwari za Dawidi." Zaburi 34 ni urugero ndetse n'incamake y'ibyo Dawidi yabwirije abo bantu bahunze kandi bananiwe n'ubuzima, nyuma baje kuba intwari, kuko basobanukiwe kandi bizera ibyo Dawidi yababwirije. Igisubizo cyangwa umuti Dawidi aha abananiwe n'ubuzima twakita, "Abantu batatu bicaye ku ntebe, wowe uri nde muri bo?"

Umuntu w'Ibyiringiro

Umuntu ugifite ibyiringiro yizera ko hari ikintu cyiza muri ubu buzima kandi ko azakibona. Imana ishyira ibyiringiro muri buri mutima w'umuntu. Imana ishyira ibyiringiro mu mitima yacu kuko ibyiringiro byatuganisha ku kwizera. Ni cyo gituma igice cya Bibiliya cyo kwizera gitangira kitubwira ko kwizera kurema ibyo twiringira kubona. Kwizera ni ko kutugeza ku Mana.

Muri Amerika abantu bari hagati ya 25,000 na 30,000 bariyahura buri mwaka. Iyo abaganga b'indwara zo mu mutwe babajijwe igituma abantu biyahura, kimwe mu bizubizo bajya batanga ni uko abantu biyahura kuko babuze ibyiringiro. Iyo abantu batagifite ibyringiro ko hari ikintu cyiza bazageraho, bariyahura.

Nubwo ari ishyano kuba abagera ku bihumbi makumyabiri na bitanu cyangwa mirongo itatu batakaza ibyiringiro buri mwaka muri Amerika, si byiza kuba abagera kuri miliyoni 250 bafite ibyiringiro? Dufite ibyiringiro kuko tuvukana ibyiringiro mu mitima yacu. Icyo Imana iba igamije ni ukugira ibyiringiro ishyira mu mitima yacu bituyobore ku kuyizera, kandi ni umugambi w'Imana ko kwizera kwacu kwadufasha kugirana umubano nayo.

Dushingiye ku byavuzwe n'Intumwa Pawulo, ibintu bitatu bizagumaho mu buzima ni ibyiringiro, kwizera n'urukundo (1 Abakorinto 13:13). Urukundo nirwo rukuru muri ibi uko ari bitatu kuko urukundo atari ikintu kituganisha ku Mana. Iyo tugize urukundo Pawulo avuga, tuba twahageze. Amagambo azwi cyane agira ati, "Imana ni urukundo" asobanuye ko hari ubwoko bw'urukundo, ruri Imana.

Umuntu Utagira ibyiringiro (34:16, 21)

Hari abantu babaho nta byiringiro bagira. Umuntu ugerageza gutandukana n'Imana nta byiringiro aba afite. Niba Imana iri kumwe nawe, umwanzi wawe ni nde? Ariko niba Imana itari kumwe nawe, ni nde wagutabara? Intumwa Pawulo yarimo kwemeranya n'abigisha ba kera, nka Gamaliyeli, ubwo yandikaga ati, *"None ubwo bimeze bityo tuvuge iki? Ubwo Imana iri mu ruhande rwacu umubisha wacu ni nde?* (Abaroma 8:31; Ibyakozwe 5:35-40) Umuntu unyurana n'Imana agendera mu cyerekezo gituma abura ibyiringiro mu bugingo bwe. Dawidi agaragaza uku kuri iyo yanditse ati: *"Amaso y'Uwiteka ari ku bakiranutsi, N'amatwi ye ari ku gutaka kwabo."* (16, 21)

Umuntu Wishimye (Uhirwa) (34:15,17-20,22)

inararibonye n'ubugenzuzi bigaragaza ibyishimo n'ingaruka nziza z'umuntu wubaha imana n'ingaruka mbi no kutishima by'umuntu utubaha imana. Ubwo bugenzuzi ni ukuri muri ubu buzima. Igitabo cya Yobu n'ibindi byanditswe byinshi birakwihaniza biti: "Ntukavuge ngo igihe cyose" na "ntukavuge ngo ntibizigera biba!" Mu buzima buzira iherezo, ibyo Dawidi yavuze bizahora ari ukuri (Zaburi 73)

Ibyabaye (34:3-8)

Dawidi abwira aba basuhuke n'abananiwe n'ubuzima ibyamubayeho, ukuntu yavuye mu batagira ibyiringiro akajya mu bagira ibyiringiro, hanyuma akaba umuntu wishimye. Itegereze aya magambo ya Dawidi bwite: "Nambaje Uwiteka….Aranyumva…. Ambohora mu byari binteye ubwoba byose….Hari umugabo w'umukene warize! Umwami yaramwumvise, maze amukiza ibibazo bye byose." Uyu ni Dawidi ubwe atanga ubuhamya bw'ukuntu yahindutse cyangwa yakijijwe.

Inama Dawidi agira abananiwe n'ubuzima

"*Nimusogongere mumenye yuko Uwiteka agira neza, Hahirwa umuhungiraho,*" hanyuma umenye ko umuntu wizera Imana ahirwa. (9) Binyuze mu gikorwa cyamubayeho cyo guhinduka, umenye ko Uwiteka ari we kintu cyiza uhora ushaka mu buzima.

Isezerano Dawidi Yagiranye n'Intwari Ze

"Mufatanye nanjye guhimbaza Uwiteka, Dushyirane hejuru izina rye. (4) Iri sezerano ni ubusobanuro bwiza bw'abantu bizera Imana. Ubu nibwo butumwa bwatumye aba bagabo baba intwari. Ntuzibagirwe ko intwari za Dawidi zari abasuhuke n'abantu bananiwe ubuzima Dawidi ahura nabo bwa mbere. Aba bagabo b'intwari barimo imyenda myinshi, bari bababaye cyane, kandi babuze amahoro Dawidi ahura nabo bwa mbere.
Mu ntwari za Dawidi wongera kubonam ukuri kwagaragajwe mu buzima bw'abantu nka Mose, abacamanza bose, na Dawidi ubwe. Uko kuri ni uko Imana yishimira gukora ibintu ndengakamere ibikoresheje abantu basanzwe, boroheje. Za zaburi nka Zaburi 34 n'iyi ngingo y'inwari za Dawidi bigaragaza neza icyo nise amabanga ane yo mu mwuka. Ayo mabanga ane:

Ntabwo ari jyewe, ahubwo ni Imana, kandi iri kumwe na njye. Sinshoboye, ariko Imana irashoboye, kandi iri kumwe nanjye. Ntabwo nshaka kubikora, ariko Imana irashaka kubikora, kandi iri kumwe nanjye. Ntabwo ari jye wabikoze, byakozwe n'Imana, kuko yari kumwe nanjye.

Zaburi Ya Mirongo Ine Na Gatandatu

"Imana ni yo buhungiro bwacu n'imbaraga zacu, Ni umufasha utabura kuboneka mu byago no mu makuba.
Ni cyo gituma tutazatinya naho isi yahinduka, Naho imisozi yakurwa ahayo ikajya imuhengeri,
Naho amazi yaho yahorera akībirindura, Naho imisozi yatigiswa no kwihinduriza kwayo.
Hariho uruzi, Imigende yarwo ishimisha ururembo rw'Imana, Ni rwo Hera hari amahema y'Isumbabyose.
Imana iri hagati muri rwo ntiruzanyeganyezwa, Imana izarutabara mu museke.
Nimworoshye mumenye ko ari jye Mana, Nzashyirwa hejuru mu mahanga, Nzashyirwa hejuru mu isi."
Uwiteka Nyiringabo ari kumwe natwe, Imana ya Yakobo ni igihome kirekire kidukingira." (Zaburi 46:2-6,11,12)

Kuri bene Kora, abanditsi ba zaburi ba kera banditse iyi zaburi, kugwa k'umusozi ukarohama mu kiyaga rwari urugero rw'ibintu bitangaje. Ingingo nyamukuru y'ubutumwa buri muri iyi zaburi yanditswe n'aba bavukanyi b'Abalewi ni, iyo isi yacu cyangwa ubuzima bwacu burimo kwangirika, tugomba gutuza cyane tukamenya ko Imana ari Imana, n'icyo Imana ishaka. (10). Isi yose yabonye inzu ebyiri zo muri World Trade Center zitwaga twin towers zo muri Amerika zisenyuka. Urwo rwari urugero rwo muri iki gihe rw'ibintu bidasanzwe. Uwo niwo wabaye umusozi wacu wituye mu nyanja.

Tugomba kugaragaza ukuri ko muri iyi si harimo ibintu by'igihe gito ndetse n'ibindi by'iteka ryose. Urugero rw'abanditsi ba zaburi ba kera rw'iyi ngingo y'ibintu by'iteka ryose n'iby'igihe gito biriho, bibana, ni umugezi utembera muri iyi si iturangaza, y'ibintu bishira ariko uwo mugezi ntukame cyangwa ntuveho. Imana iri muri uwo mugezi utemba unyura muri iyi si kandi uzana umunezero mwinshi iyo utemba unyura mu murwa uhoraho w'Imana. Uyu mugezi hari ubwo waba usobanuye ubwoko bw'Imana, bufite ubugingo buhoraho, kuko bafitanye isano n'Imana yabo ihoraho. Umusaza Intumwa Yohana yasobanuye atya ubwoko bw'Imana: "Umuntu ukurikira ubushake bw'Imana azahoraho iteka ryose kandi ntabwo azapfa." (1 Yohana 2:17)

Kuba uyu mugezi utakurwaho bivuze ko uyu mugezi usobanuye cyangwa uhagarariye ibintu bizahoraho iteka ryose

binyura muri iyi si y'igihe gito. Aba banditsi ba Zaburi baratubwira ngo iyo isi yacu irimo kwangirika, tugomba gutuza cyane kugira ngo tumenye ko Imana, ndetse n'igifitanye isano n'Imana cyose, izahoraho iteka ryose.

Tubwirwa mu Isezerano rya Kera ko tutakwegera Imana, kandi ntitwanezeza Imana cyeretse twizeye ko Imana iriho. (Abaheburayo 11:6) Dushingiye kuri iyi zaburi ikomeye, tubona ko iyo isi yacu irimo kwangirika, nyuma yo guhamya ukuri ko iriho, tugomba gutuza cyane tukamenya ubushake bw'Imana ubwo ari bwo. Imana ishaka ko ishyirwa hejuru mu mahanga kandi Imana ishaka gushyirwa hejuru mu isi yose. Zaburi ya mirongo ine na gatandatu itubwira ko, mu gihe cy'amakuba tugomba gutuza tukamenya ko Imana hari icyo ishaka mu isi, ndetse no ku buzima bwacu bwite.

Iyi zaburi ifite andi magambo menshi ahumuriza ndetse n'ibindi bintu byinshi byo mu mwuka itugaragariza iyo iyi cyangwa ubuzima bw'umuntu burimo kwangirika. Iyo witegereje ibyanditse muri Bibiliya yitwa American Standard Bible, ubona ko aba banditsi ba zaburi ba kera barimo kutubwira ko Imana yacu "Ihora ihari kugira ngo idufashe mu bihe bigoye cyane." Batubwira ko tugomba gutuza tukamenya ko Imana ari nzima kandi iriho, ndetse n'ubushake bw'imana ubwo ari bwo, baranditse bati: "Ruhuka, rekera aho guhirimbana, zibukira, maze umenye (bitewe no gusobanukirwa ndetse n'ubunararibonye), ko Ndiho, kandi ndi icyo buri jambo ryanjye rinyita. Kandi umenye ko ndi kumwe nawe mu gihe cy'amakuba, kandi hari ukuntu nshaka ko witwara mu mibereho y'amakuba."

Iyo ubwoko bw'Imana batakaje imitungo yo mu isi binyuze mu makuba karemano nk'umutingito, umwuzure, inkongi y'umuriro, cyangwa bitewe n'amakuba atewe n'umuntu nk'intambara, n'ubwo ari nta kiza cy'ibi bibazo, hariubwo Imana ikoresha aya makuba n'impanuka kwigisha ubwoko bwayo itandukaniro riba hagati ubutunzi bwo mu ijuru n'ubutunzi bwo mu isi. Yesu yatubwiye kubika ubutunzi bwacu mu ijuru kuko ubutunzi bwo ku isi butakaza agaciro kandi abajura babutwiba (Matayo 6:19-21)

Iyi nayo yitwa zaburi y'ubuhanuzi kuko igaragaza icyo abahanuzi n'intumwa bita, "Umunsi w'Uwiteka." Iyo abahanuzi bahanuye igikorwa cyangwa ikintu kizaba, hari

ubwo bakivuga nkaho cyamaze kuba. Abanditsi b'iyi zaburi batugaragariza umunsi w'Uwiteka nkaho wamaze kuba, kandi badutembereza batwereka isenyuka, nk'uko goverineri cyangwa umukuru w'igihugu yajya muri kajugujugu akanyura hejuru y'icyabaye kugira ngo akirebe kugira ngo amenye ibyangijwe uko bingana. Muri ubwo buryo, imirongo itangira ndetse n'isoza isubirwamo, kandi dushishikarizwa gutuza tukamenya ko Imana iriho, ndetse n'ubushake bw'Imana ubwo ari bwo. (1, 10,11) Ibyanditswe byose bitubwira umunsi w'Uwiteka, bishimangira ubu butumwa, *"Ariko umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'umujura, ubwo ijuru rizavaho hakaba n'umuriri ukomeye, maze iby'ishingiro, ibyo byose biremeshwa bikayengeshwa no gushya cyane, isi n'imirimo iyirimo bigashirīra. Nuko ubwo ibyo byose bizayenga bityo, yemwe uko dukwiriye kuba abantu bera, kandi twubaha Imana mu ngeso zacu, twebwe abategereza tugatebutsa umunsi w'Imana uzatuma ijuru rigurumana rikayenga, kandi iby'ishingiro, ibyo byose biremeshwa bigashongeshwa no gushya cyane!"* (2 Petero 3:10,11)

Ubwo ya mazu abiri maremare yo muri Amerika yaraswaga agahirima, hiyongeyeho n'ibihumbi by'abantu benshi bapfuye, hari ikintu gikomeye cyane cyahagariraga za miliyoni z'ibintu by'abantu cyarasenywe burundu. Imana nta ruhare igira bikorwa by'itera bwoba, kandi nta cyiza na kimwe kiba mu makuba duhura nayo tuyatewe n'amaboko y'abanyabyaha. Icyakora, hari ubwo Imana ikoresha amakuba gukangura ubwoko bwayo businziriye kugira ngo ahwiturire ubwoko bwayo kujya mu isi y'umwuka no gukora ibyo mu isi y'umwuka. Ubu nibwo busobanuro bw'iyi zaburi ikomeye yanditswe na bene Kora.

Icyiciro cya Kane
Igitabo cy'Imigani

Iyo ucuruje, hari ibintu bibiri wunguka- amafaranga n'ubunararibonye. Iyo abubaha Imana bakoze ibikorwa by'ubucuruzi muri iyi si, usanga abapagani cyangwa batubaha Imana ari bo bungutse amafaranga maze abubaha Imana bakunguka ubunararibonye. Imana yaduhaye igitabo cy'Imigani kugira ngo tutanyura mu buzima tutigishwa ibintu byose n'ubunararibonye.

Igitabo cy'imigani ni cyo gitabo kirimo ibintu bivuga ubuzimabusanzwe kurusha ibindi byose muri Bibiliya. Salomo yanditse imigani ibihumbi bitatu (1 Abami 4:29-34) Atubwira hafi yose muri muri iki gitabo cyo muri Bibiliya. Yafatwaga nk'umunyabwenge wa mbere wabayeho. Mu gitabo cy'Imigani, we n'abanyabwenge cyane bo mu gihe cye, batwereka uko twabaho mu bice by'ubuzima bwacu byose.

Salomo kandi yanditse n'indirimbo zirenga igihumbi. Mu gitabo cy'Imigani dusangamo imigani ye itageze igihumbi, kandi indirimbo ye imwe gusa niyo yashyizwe muri Bibiliya, ari yo Indirimbo ya Salomo. Salomo ntabwo ari we wanditse imigani yose iri mu Gitabo cy'Imigani. Yahurije hamwe amagambo y'ubwenge yanditswe n'abandi banyabwenge, ndetse n'abandi banyabwenge bahuriza hamwe magambo imigani ya Salomo dusanga muri iki gitabo.

Ibice icyenda bya mbere bigaragaza neza intego y'iki gitabo, ari yo kwigisha ubwenge. Imigani ya Salomo iri mu gice cya 10:1 kugeza mu gice cya 22:16. Imigani y'abanyebwenge tuyisanga mu gice cya 22:17 kugeza ku gice cya 24:34, hanyuma imigani ya Salomo yakusanijwe n'abanyabwenge ba Hezekiya niyo igice ibice bya 25 kugeza kuri 29. Igice cya 30 kigizwe n'imigani n'imigani ya Aguri, maze igice cya 31 kikagirwa n'imigani y'umwami Lemuweli, yabwiwe na nyina. Kuva ku gice cya 1 kugeza ku cya 10, iyo migani yandikiwe urubyiruko, 11 kugeza 20 yandikirwa abasaza n'abakecuru, hanyuma 21 kugeza 31 yandikirwa abayobozi b'abantu.

Nubwo Salomo yari azwi nk'umunyabwenge wa mbere wabayeho (1 Abami 4:31), hari ukuntu ari nawe wabaye umuntu wakoze amakosa menshi cyane cyangwa wananiwe cyane mu babayeho bose. Nitegereza mu ncamake yacu y'ibitabo by'amateka, gucikamo ibice k'ubwami ndetse n'abanyage ni ingaruka y'icyaha cya Salomo, ntabwo ari icyaha cya se Dawidi. Ni gute umuntu wakoze ibyaha byinshi cyane yakwigisha ubwoko bw'Imana kubaho?

Iki kibazo gifite ibisubizo bitandukanye. Ubwenge buri muri iyi migani ntabwo buterwa n'uko umwanditsi yaba yarabushyize mu bikorwa mu buzima bwe cyangwa atarabikoze; iyi migani itanga ubwenge bwahumetswe n'Imana. Iyi migani yose, Zaburi 127, n'igitabo cy'Umubwiriza, byanditswe na Salomo kugira ngo yigisha

urubyiruko kutazakora ibyo yakoze. Yigiye byinshi ku makosa ye, kandi yashakaga gutanga ubwenge yize bimukomereye akabuha abandi cyane cyane urubyiruko.

Salomo iyo avuga intego y'iyi migani, arandika ati: "Ndashaka ko mumenya uku kuri gukomeye, ko ubuzima bukora ibikwiriye ari bwo buzima bw'ubwenge cyane. Ni cyo gituma ugomba kwakira ingaruka zisharira ziterwa no kwihitiramo ubuzima bwawe ugahura n'ibibazo biterwa n'inzira wihitiyemo. Kubaha no kutinya Imana niyo soko y'ubwenge. Kumenya Imana bitera gusobanukirwa (4:11; 1:31; 9:10)

Hari ukuntu, iyi ntego ya Salomo ari incamake y'ubuzima bwe bwite. Yari abizi ko yakoze ibidakorwa ariko yashakaga ko tumenya ubwenge binyuze mu kunanirwa kwe ndetse n'ingaruka yahuye nazo. Bumwe mu buryo bwiza cyane bufasha kwiga ni ukwiga duhangana n'ingaruka z'amahitamo y'ubujiji n'ibyaha byacu. Iyo tugezweho n'ingaruka z'inzira duhisemo, twishyura igiciro gikomeye cyane kugira ngo twige ubwenge bukomeye cyane kandi tubigaragarisha ubunararibonye tukavuga tuti, "Ubuzima bwo gukora ibikwiriye nibwo buzima bw'ubwenge cyane."

Iyo Imana itubwiye ko ikintu runaka ari cyiza, cyangwa gikwiriye, ibikubwira kuko igukunda. Imana ishaka ko dukora ibikwiriye kuko izi ko ingaruka zo gukora ibikwiriye ari nziza. Iyo Imana ivuze ko ikintu runaka ari kibi, ibivuga kuko izi ko ingaruka zo gukora ibibi atari nziza.

Kwihaniza Kwerekeye Abagore Bareshya

Icyanditswe cyo mu Imigani 5:15-19 cyandikiwe abasore kandi kibihaniza k'ubwibigeragezo by'abagore bareshya. Iyi mirongo yigisha ko uburyo bukomeye bwo kwirinda ubusambanyi gu muri iki gihe, ni urushako rwiza. Abasore bagomba kurengwa n'urukundo rw'abagore babo ibihe byose. Salomo yandikira abasore ati, *"Isōko yawe ihirwe, Kandi wishimire umugore w'ubusore bwawe"* (18), kugira ngo nibajya bagera mu isi batazajya batwarwa n'amayeri y'abagore bareshya. Bazabura kureshywa ari uko icyifuzo cyabo cyo gukora imibonano mpuzabitsina gikemuwe n'abagore babo. Salomo yihaniza umugabo cyangwa umusore utsindwa n'icyaha cy'ubusambanyi ati, *"Umunyabyaha azafatwa no gukiranirwa kwe, Kandi azakomezwa n'ingoyi z'icyaha cye. Azapfa azize ko*

yanze kwigishwa, Kandi ubupfapfa bwe bwinshi buzamutera kuyoba." (22-23)

Kwiyobora

Kugira ngo yigishe ku kamaro ko kwiyobora, Salomo yaravuze ati, "*Amenye gusobanura imigani n'amarenga, Kandi n'amagambo n'ibisakuzo by'abanyabwenge. Kubaha Uwiteka ni ishingiro ryo kumenya, Ariko umupfapfa ahinyura ubwenge n'ibibwiriza."* (Imigani 6:6-7) Iyo tukiri bato, abababyeyi bacu n'abarimu bacu baratuyobora, batwereka ibikwiye kandi bakakubaza ibyo wakoze. Iyo dukuze, tuba tugomba kwigenga, ndetse no kwirinda cyangwa kwimenya. Dushingiye ku byavuzwe na Salomo, twakwigira kwiyobora ku kimonyo, aho niyo kitarimo kugenzurwa, cyitegurira ibintu mu mpeshyi kikabona umusaruro umwaka wose.

Gutanga no Kwakira

Hari inyigisho iri muri iki gitabo isa n'ibyo Yesu yigishije. (11:24-25) Handitse ngo: *"Hari umuntu utanga akwiragiza, Nyamara akarushaho kunguka. Kandi hari uwimana birenza urugero, Ariko we bizamutera ubukene gusa. Umunyabuntu azabyibuha, Kandi uvomera abandi na we azavomerwa."*

Uyu mugani wigisha ko ubugingo bwacu bumera neza iyo dutanze, kandi bukamera abi iyo tubaye abagugu. Nitugundira ibyo dufite byose, hari ubwo twabitakaza byose, ariko nitubitanga, tuzarushaho gukira. Yesu nawe yagaragaje iri hame ubwo yigishaga ko tugomba gutakaza ubugingo bwacu kugira ngo tububone iteka ryose. (Matayo 16:24-27; Ibyakozwe 20:35). Dushingiye ku byavuzwe na Yesu, niba ushaka kubona ubugingo bwawe, ugomba kubutakaza, kubusuka hasi, cyangwa ugatamba ubugingo bwawe kubw'Imana n'abandi bantu.

Wakura ubwenge mu gitabo cy'imigani kuko ari igitabo kirimo amagambo y'ubwenge. Wibuke yuko intego ya Salomo yo guhuza iyi migani kwari ukugira ngo abanyabwenge babe abayobozi b'ubwenge, abafite imitekerereze yoroheje babe abanyabwenge, no kugira ngo abantu bamenye uko babaho neza.

Ubwo ukwezi kugira iminsi mirongo itatu cyangwa mirongo itatu n'umwe, urubyiruko rugomba gukoresha iki gitabo nk'ingengabihe kandi bagasoma igice cyo mu Migani gihuye n'umunsi wo mu kwezi. Ndakugira inama yuko washushanya taburo ifite imirongo imanuka igera kuri cumi n'ibiri cyangwa irenga. Hejuru y'iyo taburo, hejuru y'iyo mirongo imanuka, wandikeho ibintu nka kwigenga, abagore, guhana abana, n'ibindi. Usoma iki gitabo cy'Imigani cyose, wandike ibyanditswe byo muri ii gitabo bivuga kuri icyo kintu wanditse hejuru. Nurangiza, uzisanga ufite insanganyamatsiko z'ibyo iki gitabo cy'ubwenge kigisha.

Amagambo umutima, umwuka, n'ubugingo avugwa inshuro mirongoirindwi muri iki gitabo, bitugaragariza yuko Imana ibwira imitima yacu, ubugingo bwacu, n'umwuka wacu iyo ishaka kutwigisha kubaho uko bikwiye. Umugani uzwi cyane, ari wo ukundwa n'abantu benshi cyane basoma iki gitabo ni, "*Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, We kwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose, Na we azajya akuyobora inzira unyuramo."* (Imigani 3:5-6)

Icyiciro cya Gatanu

Igitabo cy'Umubwirizabutumwa

Umubwiriza ni igitabo kibwira imitima y'ubwoko bw'Imana iyo barimo gushaka ibisubizo by'ibibazo by'ubuzima. Ijambo "Umubwiriza" risobanuye "umuvugabutumwa," kandi igitabo kitwa iri zina ni ikibwiriza Salomo yabwirije abasore igihe ubuzima bwe bawrimo kurangira. Ijwi ryo muri iki kibwiriza ni uko n'ubwo inararibonye ari umwigisha mwiza, ntabwo inararibonye ari ryo mwigisha wenyine. Ntabwo tugomba kwigishwa ibintu byose n'inararibonye. Umubwirizabutumwa ashishikariza urubyiruko kwigira kubyo yanyuzemo. Ubwo iki kibwiriza ari inyandiko yahumetswe n'Imana y'ukuntu umuntu wari ufite ubuhamya bwo kuba yari umunyabwenge wa mbere ku isi, yashakishije cyane ubusobanuro ndetse n'intego y'ubuzima, akoresheje ubwenge bwe bwose, "Ijambo rya Nyuma ry'Ubwenge" Imana yakoresheje iki kibwiriza kubwira imitima y'ubwoko bwayo igihe barimo gushaka, gushakisha, kubaza, ndetse no gushidikanya.

Incamake y'Ikibwiriza

Umubwiriza ni igitabo cya kabiri cy'ibisigo cyanditswe na Salomo. Salomo yabwirije iki kibwiriza abasore ba Isirayeli igihe yari amaze gusaza. Nk'uko twabibonye muri Zaburi ya 127, ubwo Salomo yasuzumaga ubuzima bwe ahereye ku myumivre ndetse n'ubukuru buzanwa no kugira imyaka myinshi, n'ubwenge yize mu myaka myinshi, yatuye ko yakoranye umwete, yashatse cyane kandi yubaka ibintu byinshi ariko bimubera impfa busa. Iki kibwiriza ni Zaburi 127 yagutse. Yatanze iki kibwiriza kuko yizeraga cyane ko urubyiruko rwumvise iki kibwiriza rwakwigira ku bintu bibi cyane byamubayeho.

Ubushakashatsi Butatu bw'Ubusobanuro

Mu gitabo cy'umubwiriza, Salomo yabwiye urubyiruko rwa Isirayeli ko yagrageje gushaka intego n'ubusobanuro cyangwa akamaro k'ubuzima mu bice bitatu, kandi ababwira ko ku iherezo ry'ubu bushakashatsi yabonye ubusa cyeretse ubusa busa. Ibi bitwereka ijambo rye akunda cyane. Muri zaburi ye ngufi yanditse, aho yavugiyecyangwa yaturiye kunanirwa kwe, twamwumvise avuga ati, "Birashoboka ko wakwiheba, wakora, kandi ukubakira ubusa. *"Uwiteka iyo atari we wubaka inzu, Abayubaka baba baruhira ubusa. Uwiteka iyo atari we urinda umudugudu, Umurinzi abera maso ubusa. Bibaruhiriza ubusa kuzinduka kare, Mugatinda cyane kuruhuka, Mukarya umutsima w'umuruho. Ni ko aha uwo akunda ibitotsi."* (Zaburi 127) Iri jambo tubona rikoreshwa cyane muri iki kibwiriza cya Salomo kivuga ku ntego n'ubusbanuro cyangwa akamaro k'ubuzima.

Ubutunzi

Salomo abwiriza ko yashakishije intego n'ubusobanuro cyangwa akamaro k'ubuzima abinyujije mu kugwiza ubutunzi, kandi yabaye umukire wa mbere wabayeho muri icyo gihe. Nyamara, arebeye ubutunzi bwe mu buryo bw'uko azapfa, aravuga ati, *"Kuko inzu ye yerekeye urupfu, Kandi inzira ze zigana ikuzimu*." (2:18)

Salomo yahuriye n'injiji mu kazi maze amenya ko uwo muntu wajyaga kuzungura cyangwa kuragwa ubutunzi bwe, nawe ari injiji cyangwa igicucu nk'uwo mugabo. Ukuri gukomeye

kw'ibyo bintu kwatumye Salomo yandika ijambo "UBUSA" mu bushakashatsi bwe bwose bw'ubutunzi.

Ubwenge

Salomo amenye ko ubutunzi atari bwo ntego n'ubusobanuro cyangwa akamaro k'ubuzima, yahisemo gushakisha ubwenge. Yabaye umunyabwenge wa mbere ku isi, ariko na none nta ntego yabonye muri ubwo bushakashatsi. Yanditse ubusa ku butunzi bwe bwose kuko atashoboraga gutwara ubutunzi bwe nyuma yo gupfa. Noneho vuba cyane nyuma yo gushakira intego n'akamaro k'ubuzima mu bwenge aravuga ati ubusa. Ibi byatewe n'uko yasanze ubwenge bwe atabugira ibyishimo. Arandika ati, "…" (1:18) Igishushanyo cy'umuntu utekereza ntabwo ari ishusho y'umuntu wishimye. Ubujiji ni bwiza cyane kandi kunyurwa kw'injiji ni ukunyurwa gushingiye ku bujiji. Kuko gushakisha cyane ubumenyi bitongera ibyishimo, Salomo yise ubushakashatsi bwe bw'intego n'akamaro k'ubuzima mu bwenge, UBUSA.

Ibyishimo

Ubushakashatsi bwa Salomo bwakurikiyeho ashakisha intego n'akamaro k'ubuzima bwatumye akurikira ubupfapfa, ibidashoboka, n'ibishimisha. Yagize uruhare mu bishimisha by'isi byose. Aravuga ati, "…" (2:10a) Nta muntu wigeze kuba umunyabirori cyane kurusha Salomo. Ariko yo kwishimisha kose, Salomo yisanze afite ibibazo bitatu, ari byo: Bitanga keza ki? Na bimfitiye kamaro ki? Na ni iki ndimo kunguka? Salomo yamenye mu mutima we ko ubuzima bwe bufite intego, kandi iyo ntego ntabwo kwari ukujya muri buwate amanywa n'ijwi.

Umwanzuro

Asoza ikibwiriza cye, Salomo yagisoje abwira urubyiruko rwamwumvaga ko mu gihe cye cyo ku isi, yize ukuri kumwe kw'ingenzi, ari ko: *"Iyi ni yo ndunduro y'ijambo, byose byarumviswe. Wubahe Imana kandi ukomeze amategeko yayo, kuko ibyo ari byo bikwiriye umuntu wese. Kuko Imana izazana umurimo wose mu manza, n'igihishwe cyose ari icyiza cyangwa ikibi."* (12:13-14) Iki cyanditswe mu rurimi rwa Giheburayo rw'umwimerere kivuga ngo kubaha Imana no kubaha amategeko y'Imana bituma uba umuntu wuzuye cyangwa muzima. Kubaha Uwiteka niryo tangiriro ryo kujijuka kuko bituma umuntu aba uwo yagenwe kuba. Iyi niyo ntego y'ubuzima Salomo yashakishaga mu gihe cy'ubuzima bwe bwose.

Ubwenge bwa Salomo bwagaragaje ko hagomba kuba hazabaho urubanza kuko atekereza muri iki kibwiriza cyose ko ubuzima bwuzuyemo ihohotera cyangwa gukiranirwa. Abantu bagira ubutunzi batakoreye, abatsikamirwa nta humure babona, kandi abatunzi byinshi ntabwo bajya banyurwa. Ihohotera ry'ubwoko bwinshi butandukanye, amacakubiri, guhuguza abakene n'abatagira kivugira ibyabo bikorwa n'ababi cyane, ndetse n'ibindi bibi byinshi, byatumye Salomo atekereza ko ari ngombwa ko hazabaho gucirwa urubanza.

Uduce tw'Ukuri Twahumetswe two Mu Umubwiriza

Iyo usoma igitabo cy'Umubwiriza, ubona uburyo bubiri bw'ukuri. Hari ubwo Salomo akina uruhare rw'umuntu ushidikanya, ubaza kandi utizera udafite guhishurirwa kw'Imana, utekereza gusa nk'umuntu utari umunyamuwka, wibera mu by'isi cyane. Ikindi gihe, atekereza kandi akavuga nk'umunyamwuka ufite guhishurirwa kw'Imana. Nubwo Salomo yagaragaje gushidikanya kwinshi tubivugiye muri iyo mitekerereze ya mbere, ukuri yagaragaje nk'uwo muntu wundi kurakomeye cyane kandi kudufasha kumenya intego n'akamaro cyangwa ubusobanuro bw'ubuzima.

Hari icyanditswe cyo mu gice cya gatatu kivuga ngo: *"Ikintu cyose kigenerwa igihe cyacyo, Hariho igihe cyo kuvuka n'igihe cyo gupfa, igihe cyo gutera n'igihe cyo kurandura ibikūri. n'icyagambiriwe munsi y'ijuru cyose gifite umwanya wacyo." (3:1-2)* Iki cyanditswe kirasa n'icyanditswe kiri muri Zaburi 1 kitubwira ko umuntu uhirwa azera "imbuto mu gihe cye." (3) Gukora kw'Imana mu buzima bw'umuntu kuzira mu gihe cy'Imana.

Salomo kandi yaduhaye igitekerezo cyiza ku rushako ubwo yandikaga ati: *"Ababiri baruta umwe, kuko babona ibihembo byiza by'imirimo yabo, kuko iyo baguye umwe abyutsa mugenzi we, ariko uguye ari wenyine atagira umubyutsa, aba abonye ishyano. Maze kandi ababiri iyo baryamanye barasusurukirwa, ariko uri wenyine yasusurukirwa ate? Umuntu naho yanesha umwe, ababiri bo bamunanira, kandi umugozi w'inyabutatu ntucika vuba."* (4:9-12)

Igihe Imana yaremaga umubano w'urushako, yashakaga ko umugabo n'umugore baba umwe mu mitekerereze, umwe mu mubiri ndetse no mu mwuka. Umugambi wayo wari kandi n'ubu uracyari ko ibikomeye byo mu mwuka no mu bitekerezo

bigaragarizwa mu mubiri, mu mibonano mpuzabitsina. Hari ubwo Salomo yaba yarabifite mu bitekerezo bye ubwo yatubwiraga ko umugozi w'inyabutatu udapfa gucika. Iyo ubirebeye mu buryo bw'urushako, imibona mpuzabitsina ni uburyo bw'imbitse bwo kuganira. Iyo imibonano mpuzabitsina mu bashakanye itabaye umuyoboro wo kugaragarizamo ibintu bikomeye biri mu bitekerezo no mu mwuka, icyo gihe imibonano mpuzabitsina muri urwo rushako iba iri ku rwego rw'imivuganire y'inyamaswa.

Mu gice cya cyenda, Salomo avuga umurwa wakijijwe n'inama y'umunyabwenge. Aravuga ati, *"Hariho umudugudu muto urimo abantu bake, maze haza umwami ukomeye arawutera, arawugota awurundaho ibirundo byo kuriririaho. Nuko habonekamo umukene uzi ubwenge, akirisha uwo mudugudu ubwenge bwe, nyamara nta muntu wibutse uwo mukene."* (14,15) Salomo avuga ko kuba umurwa waribagiwe uwo mugabo w'umunyabwenge ari akarengane. Nubwo uwo munyabwenge atagororewe, yaravuze ati, "*Amagambo y'umunyabwenge avugirwa ahihererereye, aruta urusaku rw'umutware utwara abapfapfa. 18Ubwenge buruta intwaro z'intambara, ariko umunyabyaha umwe arimbura ibyiza byinshi."* (17) Kuri we, gusoza umurimo byari ingenzi cyane kurusha gushimirwa ko yasoje akazi.

Salomo arimo gusoza ikibwiriza cye, yagiriye urubyiruko inama yo "kwibka" umuremyi (wabo) mu gihe cy'ubusore bwabo." (bwabo) (12:1) Yari azi ko urubyiruko ar igihe cy'umugisha no gutanga umusaruro, ariko kandi yari anabizi ko buzukuru nta kabuza igera aho ikaza. Salomo yarababwiye ati, mu "Muyibuke," mbere yuko *"akagozi k'ifeza kataracika n'urwabya rw'izahabu rutarameneka, n'ikibindi kitaramenekera ku isōko n'uruziga rutaravunikira ku iriba n'umukungugu ugasubira mu butaka uko wahoze, n'umwuka ugasubira ku Mana yawutanze." (6,7)* Abari mu myaka y'urubyiruko baba bakoze ibikwiriye bibutse Imana kandi bakabaho ubuzima bwabo neza kuko ishyerezo bahura nayo. Maze nyuma yabyo byose, Salomo atanga akamaro n'ubusobanuro bw'ubuzima, nk'uko bigaragara mu magambo ye ya nyuma, agira ati: *"Wubahe Imana kandi ukomeze amategeko yayo, kuko ibyo ari byo bikwiriye umuntu wese."* (13)

Icyiciro cya Gatandatu
Indirimbo ya Salomo

Indirimbo ya Salomo nicyo gitabo cya nyuma cyo mu bitabo by'imivugo. Tubwirwa ko Salomo yanditse indirimbo 1,005, ariko iyi niyo yonyine yashyizwe mu byanditswe byera. Iyi ndirimbo y'urukundo ivuga ikiganiro cy'urukundo cy'abakunzi babiri. Abasore b'Ababeburayo ntabwo bari bemerewe gusoma iki gitabo batarageza imyaka mirongo itatu y'ubukuru.

Waba wibaza igituma iki gitabo cyarashyizwe mu byanditswe byera. Iki kibazo gifite ibisubizo bitandukanye. Igitabo nk'iki cyigisha ukwera k'uburiri bw'abashakanye. Mu gitabo cy'Itangiriro, twumvise Imana ivuga ko atari byiza ko umuntu aba wenyine. Ni cyo cyatumye Imana irema umugore wo kumwuzuza. Ubwo Imana yabaremaga ari umugabo n'umugore, yabahurije mu gikorwa cy'imibonano mpuzabitsina. Dushingiye ku nkuru y'irema, nyuma yo kurema, Imana yavuze ko ibyo yaremye byari byiza. Imana iremye imibonano mpuzabitsina, yavuze ko imibonano mpuzabitsina ari 'myiza cyane.'

Iyo haza kuba ari nta busobanuro bukomeye kuri iyi ndirimbo y'urukundo, ubutumwa bwo kwera kw'imibonano mpuzabitsina ntabwo buba ari ingenzi cyane ku buryo iki gitabo cyiza cyane cyashyirwa mu bitabo byitwa "Bibiliya." Ni ingenzi ko ababyeyi bigisha abana babo ko imibonano mpuzabitsina ari myiza cyane. Biragora kwigisha abana bacu ko birinda gukora imibonano mpuzabitsina kugeza bashatse utababwiye ko gukora imibonano mpuzabitsina ari icyaha. Nidushobora kwemeza abana bacu ko imibonano mpuzabitsina ari mibi, hari ubwo twatuma bahurwa imibonano mpuzabitsina burundu. Hari ubwo bakwinjira mu rushako bafite imyumvire mibi ku mibonano mpuzabitsina byatuma batazigera baryoherwa ndetse bishimira uwo bashakanye.

Iyi ndirimbo y'urukundo yigisha ko Imana iha umugisha, yeza, kandi isiga amavuta uburiri bw'abashakanye ndetse "no guhura kw'abashakanye". Iyo urimo gusoma iyi ndirimbo y'urukundo ya Salomo, ubona umugambi w'Imana w'ukuntu umugabo n'umugore bashakanye bagaragarizanya ibyishimo.

Abantu bakunda Imana bashoboye kubona ubusobanuro bwimbitse muri iyi ndirimbo ya Salomo y'urukundo.

Bayibonamo isano hagati y'umubano w'aba bakunzi bombi n'uubano tugirana na Kristo, akenshi ukunzwe kwitwa umubano w'urushako.

Bavuga ko indirimbo ya Salomo yashyizwe mu byanditswe nk'ishusho y'urukundo Imana Yehova ikunda Isirayeli. Iyo usomye Isezerano Rishya, ubona ko uru rugero rw'umubano rukoreshwa no kuri Kristo n'itorero rye. Kristo niwe Mukwe maze itorero rikaba Umugeni we (Matayo 25:1-13; Ibyahishuwe 21:2, 17).

Ubutumwa buri mu Ndirimbo ya Salomo

Ishusho ya nyuma iri muri iyi ndirimbo y'urukundo igaragaza umubano umuntu agirana na Kristo. Mu Isezerano rya Kera, Isirayeli yategetswe gukundisha Imana imitima yabo yose. Yesu ashimangira iyi nyigisho ubwo yabazwaga itegeko rikuru kuruta ayandi yose (Matayo 22:35-40) Umubano w'urukundo tugirana n'Imana na Kristo ugaragazwa neza n'umubano w'aba bakunzi bombi. Ubu busobanuro ndetse n'ubutumwa by'indirimbo ya Salomo bituma iki gitabo kiba igitabo cyiza cyane cyo muri Bibiliya, igitabo cyigisha ku mubano mwiza cyane tugirana na Kristo, wazutse.

Ubutumwa bw'Umubano bwo mu Ndirimbo ya Salomo

Umukwe wo mu Ndirimbo ya Salomo yabanje kujyana umugeni we mu byumba bye (1:4) arangije amujyana mu birori byamuteuriwe (2:4). Ibi bisobanuye ko umubano wacu na Kristo ugomba kubanza kuba hagati ye nawe mbere y'uko ujya mu ruhame. Yesu yabisobanuye neza mu Kibwiriza cyo ku Musozi. Yanenze abasengeraga mu ruhame bagakora imirimo yabo myiza mu ruhame kuko amasengesho yabo no gutanga kwabo byakorwaga hagamijwe inyungu zabo bwite, atari inyungu z'Imana. (Matayo 6:5-7)

Yesu yashimangiye ko tugomba gusenga Imana twiherereye kandi no gutanga kwacu kugomba gukorerwa Imana mu ibanga. Uwitwa Martin Luther yaranditse ati: "Yesu wera, mwana utuje, isasire uburiri, butanduye, mu mutima wanjye kugira ngo kibe icyumba cyawe wenyine gituje." Mbese umutima wawe ni icyumba gituje cyabikiwe Yesu?

Iyo umubano wari hagati y'aba bakunzi babiri bari mu Ndirimbo ya Salomo wacikaga cyangwa wahagarikwaga,

ntabwo byakorwaga mu bushake bw'umukwe. Iyi shusho igaragaza umubano wacu na Kristo. Umubano wacu na Kristo wakomeza kubaho, ariko iyo ucitse cyangwa uhagaze, biba kuko ari twe tubikoze, ntabwo ari Kristo. Umubano wacu iyo uhagaze cyangwa ucitse ntabwo biba bitewe n'uko Kristo aba atakaje ubwizerwa bwe, ahubwo biterwa n'uko tudakomeza kumubera abizerwa.

Iyo umukwe agiye mu cyumba cy'umugeni we, mu Ndirimbo ya Salomo, akomeza guhezwa hanze, igihe umugeni ahugijwe no kwisiga imibavu, n'indi myiteguro. Yakingura urugi, agasanga umukwe yagiye (5:1-6). Kenshi turangazwa no gushaka amavuta n'impano z'Umwuka Wera maze tukirengagiza umubano wacu tugirana n'utanga imigisha yo mu mwuka yose. Iyo turangariye kuri uku kugaragara kw'imbaraga n'impano z'Umwuka Wera, dukingirana hanze Umukunzi (Umukwe) wacu, ushaka ko tugirana umubano mwiza.

Umugeni mu Ndirimbo ya Salomo asobanukiwe umurimo w'umukwe. Haranditse ngo, *"Tuzindukire mu nzabibu, Turebe ko imizabibu yatoshye, Cyangwa ko yapfunditse ururabo, N'ibikomamanga ko byarabije. Aho ni ho uzabonera urukundo rwanjye. (7:12)"* Dushingiye ku byo Yesu yabwiye Petero mu butumwa bwiza bwanditswe na Yohana, natwe Yesu twamugaragariza urukundo rwacu twita ku ntama ze, turagira intama ze, ndetse dukunda intama ze akunda cyane (Yohana 21:15-17)

Mbese ubutumwa nyamukuru bw'uyu muvugo mwiza ni ubuhe? Indirimbo y'urukundo ya Salomo ivuga ururimi rw'umutima, ivuga amarangamutima y'ingenzi cyane, ari yo: urukundo. Isobanura umubano w'ingenzi cyane kandi ukomeye cyane twagira mu buzima bwacu, ni umubano wacu na Kristo. Iyi ndirimbo ibikora iduha ishusho itugaragariza urukundo Kristo adukunda, n'icyo dukorera urwo rukundo.

Kugira ngo dusobanukirwa iyi ndangagaciro ikomeye y'urukundo, tugomba guhera ku rukundo rw'Imana. Hari ahantu habiri mu Isezerano Rishya dusanga urukundo rw'Imana rusesengurwa kandi rugaragazwa. Ni mu cyanditswe cy'urukundo cyanditswe n'Intumwa Pawulo no mu cyanditswe cy'urukundo cyanditswe n'Intumwa Yohana, urukundo rw'Imana rucishwa mu bitekerezo byabo bihumekewe n'Umwuka w'Imana rukagaragara nk'indangagaciro zitandukanye (1 Abakorinto 13; 1 Yohana 4:7-21). Yohana na

Igitabo #5: Yobu – Indirimbo ya Salomo

Pawulo batubwira ko urukundo rw'Imana: rutasobanurwa, rutasimburwa, rutagereranywa, rutakurwaho, rutagira icyo rushingiraho, rutakwangwa cyangwa rutakwirindwa, rutanga imbaraga, ni urwo mu mwuka, ruhoraho iteka ryose, kandi rurenze kamere.

Iyo dukunze bene uru rukundo, tuba dufite ubushobozi bwo gukunda uwo twashakanye, abana bacu, ababyeyi bacu, ndetse n'abandi bose tubana na bo bagoye gukunda. Indirimbo ya Salomo yigisha ko urukundo dufitanye na Kristo ari urw'umuntu ku giti cye, rurakomeye cyane, rurihariye, ni rwinshi, ntabwo rwishakira ibyarwo, rushaka kunyurwa kwa mwembi, rurakomeza, ntabwo rutera ubwoba, rwera imbuto, kandi ntabwo rwazimywa.